| **(j) TWEMEJE,** binyuze muri referandumu, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda: | **(j) DO ADOPT,** through referendum, the Constitution of the Republic of Rwanda: | **(j) ADOPTONS,** par référendum, la Constitution de la République du Rwanda: |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA MBERE: UBWIGENGE BW'ABANYARWANDA MU GUFATA IBYEMEZO N'UGUSUMBA ANDI MATEGEKO KW'ITEGEKO NSHINGA** | **CHAPTER ONE: SOVEREIGNTY OF THE PEOPLE OF RWANDA AND SUPREMACY OF THE CONSTITUTION** | **CHAPITRE PREMIER : SOUVERAINETÉ DU PEUPLE RWANDAIS ET SUPRÉMATIE DE LA CONSTITUTION** |
| **Ingingo ya mbere: Inkomoko y'ubutegetsi bw'Igihugu** | **Article One: Source of national sovereignty** | **Article premier: Source de la souveraineté nationale** |
| (1) Ubutegetsi bwose bukomoka ku Banyarwanda kandi bugakoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri Tegeko Nshinga. | (1) All power emanates from the people of Rwanda and is exercised in accordance with this Constitution. | (1) Tout pouvoir émane du peuple rwandais et s'exerce conformément à la présente Constitution. |
| (2) Nta muntu cyangwa itsinda ry'abantu bashobora kwiha ubutegetsi. | (2) No individual or group of people may arrogate to themselves the exercise of power. | (2) Aucun individu ni aucun groupe d'individus ne peut s'attribuer l'exercice de la souveraineté nationale. |
| (3) Ubutegetsi bw'Igihugu ni ubw'Abanyarwanda bakoresha ubwabo binyuze muri referandumu, mu matora asanzwe cyangwa binyuze ku babahagarariye. | (3) National sovereignty belongs to the people of Rwanda who themselves exercise it through referendum, ordinary elections or their representatives. | (3) La souveraineté nationale appartient au peuple rwandais qui l'exerce lui-même par voie référendaire, électorale ordinaire ou par ses représentants. |
| **Ingingo ya 2: Itora** | **Article 2: Suffrage** | **Article 2: Suffrage** |
| (1) Itora ni uburenganzira bw'Abanyarwanda bose ku buryo bungana. | (1) Suffrage is universal and equal for all Rwandans. | (1) Le suffrage est universel et égal pour tous les Rwandais. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Abanyarwanda bose, baba abagore cyangwa abagabo, bujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa. | (2) All Rwandans, both women and men, fulfilling the requirements provided for by law, have the right to vote and to be elected. | (2) Tous les Rwandais, femmes et hommes, remplissant les conditions légales, ont le droit de vote et d'éligibilité. |
| (3) Itora rikorwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kandi mu ibanga, keretse iyo biteganywa ukundi n'iri Tegeko Nshinga cyangwa andi mategeko. | (3) Suffrage is direct or indirect, and secret, unless this Constitution or other laws provide otherwise. | (3) Le suffrage est direct ou indirect et secret sauf dans les cas où la présente Constitution ou d'autres lois en disposent autrement. |
| (4) Itegeko Ngenga rigenga amatora riteganya ibigomba kubahirizwa n'uburyo bukoreshwa mu matora. | (4) An organic law governing elections determines conditions and modalities for conducting elections. | (4) Une loi organique régissant les élections détermine les conditions et les modalités de tenue des élections. |
| **Ingingo ya 3: Ugusumba andi mategeko kw'Itegeko Nshinga** | **Article 3: Supremacy of the Constitution** | **Article 3: Suprématie de la Constitution** |
| (1) Itegeko Nshinga ni ryo Tegeko ry'Igihugu risumba ayandi. | (1) The Constitution is the supreme law of the country. | (1) La Constitution est la loi suprême du pays. |
| (2) Itegeko, icyemezo cyangwa igikorwa binyuranyije n'iri Tegeko Nshinga nta gaciro bigira. | (2) A law, a decision or an act contrary to this Constitution is without effect. | (2) Une loi, une décision ou un acte contraire à la présente Constitution est sans effet. |
| **UMUTWE WA II: REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **CHAPTER II: REPUBLIC OF RWANDA** | **CHAPITRE II: RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |

| Ingingo ya 4: Repubulika | Article 4: The Republic | Article 4: La République |
|---|---|---|
| (1) Leta y'u Rwanda ni Repubulika yigenga, ifite ubusugire, ishingiye kuri demokarasi, igamije guteza imbere Abanyarwanda kandi ntishingiye ku idini. | (1) The Rwandan State is an independent, sovereign, democratic, social and secular Republic. | (1) L'État rwandais est une République indépendante, souveraine, démocratique, sociale et laïque. |
| (2) Ihame shingiro rya Repubulika y'u Rwanda ni: "Ubutegetsi bw'Abanyarwanda, butangwa n'Abanyarwanda kandi bukorera Abanyarwanda". | (2) The founding principle of the Republic of Rwanda is: "Government of the people of Rwanda, by the people of Rwanda and for the people of Rwanda." | (2) Le principe fondateur de la République du Rwanda est : « le gouvernement du peuple rwandais, par le peuple rwandais et pour le peuple rwandais». |
| **Ingingo ya 5: Igihugu cy'u Rwanda n'inzego z'imitegekere** | **Article 5: Territory of Rwanda and administrative entities** | **Article 5: Territoire du Rwanda et entités administratives** |
| (1) Igihugu cy'u Rwanda kigizwe n'ubusesure bw'ubutaka, ubw'inzuzi, ubw'imigezi, ubw'ibiyaga n'ubw'ikirere biri mu mbibi za Repubulika y'u Rwanda. | (1) Rwanda's territory comprises areas covered by land, rivers, lakes and airspace located within the borders of the Republic of Rwanda. | (1) Le territoire du Rwanda comprend l'espace terrestre, fluvial, lacustre et aérien situé à l'intérieur des frontières de la République du Rwanda. |
| (2) Mu kugena ubutaka bw'u Rwanda, hitabwa ku mbibi z'u Rwanda nk'uko zigaragazwa n'amasezerano mpuzamahanga yemejwe burundu n'u Rwanda, n'amategeko y'u Rwanda. | (2) In determining Rwanda's territory, consideration is given to Rwanda's boundaries as defined by international treaties ratified by Rwanda, and Rwandan laws. | (2) Pour la détermination du territoire rwandais, il est tenu compte des frontières définies par les traités internationaux ratifiés par le Rwanda et les lois rwandaises. |
| (3) Igihugu cy'u Rwanda kigabanyijemo inzego z'imitegekere y'Igihugu zigenwa n'Itegeko Ngenga, | (3) The territory of Rwanda is divided into administrative entities determined by an organic law that | (3) Le territoire du Rwanda est divisé en entités administratives déterminées par une loi organique qui en |

| | | |
|---|---|---|
| rikanashyiraho umubare, imbibi n'imiterere byazo. | also determines their number, boundaries and structures. | détermine également le nombre, les limites et les structures. |
| **Ingingo ya 6: Kwegereza ubuyobozi abaturage** | **Article 6: Decentralisation** | **Article 6: Décentralisation** |
| (1) Ubutegetsi bwa Leta bwegerezwa abaturage mu nzego z'ibanze hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | (1) Public powers are decentralised to local administrative entities in accordance with legal provisions. | (1) Les pouvoirs publics sont décentralisés au profit des entités administratives locales conformément aux dispositions légales. |
| (2) Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. | (2) A law determines the organisation and functioning of decentralised entities. | (2) Une loi détermine l'organisation et le fonctionnement des entités décentralisées. |
| **Ingingo ya 7: Umurwa Mukuru** | **Article 7: Capital city** | **Article 7: Capitale** |
| (1) Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda ni Umujyi wa Kigali. | (1) The capital city of the Republic of Rwanda is the City of Kigali. | (1) La capitale de la République du Rwanda est la Ville de Kigali. |
| (2) Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Umurwa Mukuru. | (2) A law determines the organisation and functioning of the capital city. | (2) Une loi détermine l'organisation et le fonctionnement de la capitale. |
| (3) Itegeko rishobora kwimurira Umurwa Mukuru ahandi mu Rwanda. | (3) A law may relocate the Capital city to any other location in Rwanda. | (3) Une loi peut transférer la capitale en tout autre lieu du territoire national. |
| **Ingingo ya 8: Ururimi rw'Igihugu n'indimi zemewe mu butegetsi** | **Article 8: National language and official languages** | **Article 8: Langue nationale et langues officielles** |
| (1) Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. | (1) The national language is Ikinyarwanda. | (1) La langue nationale est l'Ikinyarwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Indimi zemewe mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa. | (2) The official languages are Ikinyarwanda, English and French. | (2) Les langues officielles sont l'Ikinyarwanda, l'anglais, et le français. |
| (3) Itegeko Ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya indimi zemewe mu butegetsi. | (3) An organic law may add or remove an official language. | (3) Une loi organique peut ajouter ou supprimer une langue officielle. |
| (4) Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe cyangwa izirenze rumwe mu zemewe mu butegetsi. | (4) Official documents may be in one or more of the official languages. | (4) Les documents officiels peuvent être rédigés dans une ou plusieurs des langues officielles. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ibiranga Igihugu cy'u Rwanda** | **<u>Article 9</u>: National symbols of Rwanda** | **<u>Article 9</u>: Symboles nationaux du Rwanda** |
| (1) Ibiranga Igihugu cy'u Rwanda ni Ibendera ry'Igihugu, intego ya Repubulika, ikirango cya Repubulika n'indirimbo y'Igihugu. | (1) The national symbols of Rwanda are the National Flag, the Motto of the Republic, the Seal of the Republic and the National Anthem. | (1) Les symboles nationaux du Rwanda sont le Drapeau national, la devise de la République, le Sceau de la République et l'Hymne national. |
| (2) Ibendera ry'Igihugu rigizwe n'amabara akurikira: uvuye hasi uzamuka habanza ibara ry'icyatsi kibisi, rikurikirwa n'ibara ry'umuhondo, kandi ayo mabara yombi yihariye icya kabiri cy'ibendera ryose. Igice cya kabiri cyo hejuru kigizwe n'ibara ry'ubururu rishushanyijwemo izuba n'imirasire yaryo y'ibara ry'umuhondo wa zahabu riri ku | (2) The National Flag comprises the following colours: from bottom to top a green stripe, followed by a yellow stripe both of which cover half the flag. The upper half is blue and bears on its right-hand side the image of the sun with its rays of golden yellow. The sun and its rays are separated by a blue ring. | (2) Le Drapeau national est constitué, de bas en haut, d'une bande de couleur verte, suivie d'une bande de couleur jaune qui couvrent la moitié du drapeau. La moitié supérieure est de couleur bleue portant dans sa partie droite l'image du soleil avec ses rayons de couleur jaune dorée. Le soleil et ses rayons sont séparés par un anneau bleu. |

| | | |
|---|---|---|
| ruhande rw'iburyo. Iryo zuba n'imirasire yaryo bitandukanyijwe n'uruziga rw'ibara ry'ubururu. | | |
| (3) Intego ya Repubulika ni: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". | (3) The Motto of the Republic is: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". | (3) La devise de la République est: « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». |
| (4) Ikirango cya Repubulika kigizwe n'uruziga rw'icyatsi kibisi n'ipfundo ry'umugozi w'iryo bara upfunditse hasi, ahagana hejuru hakabamo inyandiko "REPUBULIKA Y'U RWANDA". Munsi y'ipfundo handitse amagambo agize intego ya Repubulika "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". Izo nyandiko zose zanditse mu nyuguti z'umukara ku ibara ry'umuhondo. | (4) The Seal of the Republic is made up of a circular green rope with a green knot at the base, bearing on its upper part, the imprints "REPUBULIKA Y'U RWANDA". At the bottom of the knot is the motto of the Republic: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". All these inscriptions are in black against a yellow background. | (4) Le Sceau de la République est formé d'une corde verte en cercle avec un nœud de même couleur vers le bas et portant, à sa partie supérieure, les mentions « REPUBULIKA Y'U RWANDA ». En bas du nœud se trouvent les mentions de la devise de la République « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». Toutes ces mentions sont écrites en noir sur un fond jaune. |
| (5) Ikirango cya Repubulika kigizwe kandi n'amashusho akurikira: izuba, imirasire yaryo, ishaka n'ikawa, agaseke, uruziga rw'ubururu rufite amenyo n'ingabo ebyiri, imwe iri iburyo indi iri ibumoso. | (5) The Seal of the Republic also bears the following ideograms: the sun with its rays, sorghum and coffee tree, a basket, a blue wheel with teeth and two shields, one on the right and the other on the left. | (5) Le Sceau de la République porte également les idéogrammes suivants : le soleil avec ses rayons, le sorgho et un caféier, un panier, une roue dentée de couleur bleue et deux boucliers, l'un à droite, l'autre à gauche. |
| (6) Indirimbo y'Igihugu ni: "RWANDA NZIZA". | (6) The National Anthem is: "RWANDA NZIZA". | (6) L'Hymne national est: «RWANDA NZIZA». |

| | | |
|---|---|---|
| (7) Amategeko yihariye asobanura ku buryo burambuye ibyerekeye ibiranga Igihugu. | (7) Specific laws determine details relating to national symbols. | (7) Des lois spécifiques déterminent les détails relatifs aux symboles nationaux. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: AMAHAME REMEZO NO KWISHAKAMO IBISUBIZO** | **<u>CHAPTER III</u>: FUNDAMENTAL PRINCIPLES AND HOME-GROWN SOLUTIONS** | **<u>CHAPITRE III</u>: PRINCIPES FONDAMENTAUX ET SOLUTIONS ENDOGÈNES** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Amahame remezo** | **<u>Article 10</u>: Fundamental principles** | **<u>Article 10</u>: Principes fondamentaux** |
| Leta y'u Rwanda yiyemeje kugendera ku mahame remezo akurikira no gutuma yubahirizwa: | The State of Rwanda commits itself to upholding and ensuring respect for the following fundamental principles: | L'État du Rwanda s'engage à se conformer aux principes fondamentaux suivants et à les faire respecter: |
| (a) gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose; | (a) prevention and punishment of the crime of genocide, fight against denial and revisionism of genocide as well as eradication of genocide ideology and all its manifestations; | (a) la prévention et répression du crime de génocide, la lutte contre le négationnisme et le révisionnisme du génocide ainsi que l'éradication de l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations; |
| (b) kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, ku turere cyangwa ku kindi icyo ari cyo cyose, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda; | (b) eradication of discrimination and divisionism based on ethnicity, region or any other ground, as well as promotion of national unity; | (b) l'éradication des discriminations et divisions fondées sur l'ethnie, la région ou tout autre motif et la promotion de l'unité nationale; |
| (c) gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize; | (c) equitable power-sharing; | (c) le partage équitable du pouvoir; |
| (d) kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose | (d) building a State governed by the rule of law, a pluralistic democratic Government, equality of all Rwandans and between women and men which is | (d) l'édification d'un État de droit et d'un régime démocratique pluraliste, l'égalité de tous les Rwandais et l'égalité entre les femmes et les hommes reflétée par |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; | affirmed by women occupying at least 30% of positions in decision-making organs; | l'attribution aux femmes d'au moins 30% des postes dans les instances de prise de décisions; |
| (e) kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo; | (e) building a State committed to promoting social welfare and establishing appropriate mechanisms for equal opportunity to social justice; | (e) l'édification d'un État œuvrant à la promotion du bien-être de la population et la création des mécanismes appropriés pour faciliter l'accès à la justice sociale; |
| (f) gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye. | (f) constant quest for solutions through dialogue and consensus. | (f) la recherche constante de solutions par la voie du dialogue et du consensus. |
| **Ingingo ya 11: Umuco nyarwanda nk'isoko yo kwishakamo ibisubizo** | **Article 11: Rwandan culture as a source of home-grown solutions** | **Article 11: Culture rwandaise comme source de solutions endogènes** |
| (1) Mu rwego rwo kubaka Igihugu, kwimakaza umuco wacyo no kwihesha agaciro, Abanyarwanda, bashingiye ku ndangagaciro zabo, bashyiraho uburyo bwo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byabo. | (1) In order to build the nation, promote national culture and restore dignity, the people of Rwanda, based on their values, initiate mechanisms for home-grown solutions to their problems. | (1) En vue de l'édification de la nation, de la promotion de la culture nationale et de la restauration de la dignité, le peuple rwandais, se basant sur ses valeurs, met en place des mécanismes de solutions endogènes à ses problèmes. |
| (2) Amategeko ashobora gushyiraho uburyo butandukanye bwo kwishakamo ibisubizo. | (2) Laws may establish different mechanisms for home-grown solutions. | (2) Les lois peuvent créer différents mécanismes de solutions endogènes. |
| **UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'UBWISANZURE BYA MUNTU** | **CHAPTER IV: HUMAN RIGHTS AND FREEDOMS** | **CHAPITRE IV: DROITS ET LIBERTÉS DE LA PERSONNE** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Uburenganzira n'ubwisanzure** | **<u>Section One</u>: Rights and freedoms** | **<u>Section première</u>: Droits et libertés** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Uburenganzira bwo kubaho** | **<u>Article 12</u>: Right to life** | **<u>Article 12</u>: Droit à la vie** |
| (1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho. | (1) Everyone has the right to life. | (1) Tout individu a droit à la vie. |
| (2) Ntawe ushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko. | (2) No one shall be arbitrarily deprived of his or her life. | (2) Nul ne peut être arbitrairement privé de la vie. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Ubudahungabanywa bw'umuntu** | **<u>Article 13</u>: Inviolability of the human person** | **<u>Article 13</u>: Inviolabilité de la personne humaine** |
| (1) Umuntu ni umunyagitinyiro kandi ni indahungabanywa. | (1) The human person is sacred and inviolable. | (1) La personne humaine est sacrée et inviolable. |
| (2) Leta ifite inshingano yo kumwubaha, kumurinda no kumurengera. | (2) The State has the obligation to have respect for, protect and defend the human person. | (2) L'État a l'obligation de respecter, de protéger et de défendre la personne humaine. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe** | **<u>Article 14</u>: Right to physical and mental integrity** | **<u>Article 14</u>: Droit à l'intégrité physique et mentale** |
| (1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe. | (1) Every person has the right to physical and mental integrity. | (1) Toute personne a droit à l'intégrité physique et mentale. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Ntawe ushobora gukorerwa iyicarubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by'ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro. | (2) No person shall be subjected to torture or to abuse or cruel, inhuman or degrading treatment. | (2) Nul ne peut être soumis à la torture ni à des sévices ou traitements cruels, inhumains ou dégradants. |
| (3) Ntawe ushobora gukorerwaho igerageza atabyiyemereye. | (3) No one shall be subjected to experimentation without his or her informed consent. | (3) Nul ne peut être soumis à une expérimentation sans son consentement éclairé. |
| (4) Uburyo bwo kwemera gukorerwaho igerageza n'ubw'iryo gerageza bugenwa n'amategeko. | (4) Modalities for informed consent to experimentation and for such experimentation are determined by legislation. | (4) Les modalités de consentement éclairé à l'expérimentation et celles de cette expérimentation sont déterminées par la législation. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Kureshya imbere y'amategeko** | **<u>Article 15</u>: Equality before the law** | **<u>Article 15</u>: Égalité devant la loi** |
| Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Amategeko abarengera ku buryo bumwe. | All human beings are equal before the law. They enjoy equal protection of the law. | Tous les êtres humains sont égaux devant la loi. Ils jouissent d'une égale protection de la loi. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Kurindwa ivangura** | **<u>Article 16</u>: Protection from discrimination** | **<u>Article 16</u>: Protection contre la discrimination** |
| (1) Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana. | (1) All Rwandans are born and remain equal in rights and freedoms. | (1) Tous les Rwandais naissent et demeurent égaux en droits et en libertés. |
| (2) Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku | (2) Any form of or propaganda for discrimination, including on the basis of ethnicity, family or descent, clan, skin | (2) Toute discrimination ou toute propagande en sa faveur, notamment celle fondée sur l'ethnie, la famille ou |

| | | |
|---|---|---|
| gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'imibereho, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko. | colour, sex, region, social status, religion or belief, opinion, wealth, cultural differences, language, economic status, physical or mental disability or any other form of discrimination are prohibited and punishable by law. | l'ascendance, le clan, la couleur de la peau, le sexe, la région, le statut social, la religion ou croyance, l'opinion, la fortune, la différence de culture, la langue, la situation économique, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination, sont prohibées et punies par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango** | **<u>Article 17</u>: Right to marry and found a family** | **<u>Article 17</u>: Droit de se marier et de fonder une famille** |
| (1) Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango burengerwa n'amategeko. | (1) The right to marry and found a family is guaranteed by law. | (1) Le droit de se marier et de fonder une famille est garanti par la loi. |
| (2) Ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ni ko kwemewe. | (2) A civil monogamous marriage between a man and a woman is the only recognised marital union. | (2) Le mariage civil monogamique entre un homme et une femme est la seule union conjugale reconnue. |
| (3) Icyakora, ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu mahanga mu buryo bwemewe n'amategeko y'Igihugu basezeraniyemo kuremewe. | (3) However, a monogamous marriage between a man and a woman contracted outside Rwanda in accordance with the law of the country of celebration of the marriage is recognised. | (3) Toutefois, le mariage monogamique entre un homme et une femme contractée à l'étranger conformément à la loi du pays de célébration de ce mariage est reconnu. |
| (4) Ntawe ushobora gushyingirwa atabyemeye ku bushake bwe busesuye. | (4) No one can enter into marriage without his or her free and full consent. | (4) Nul ne peut contracter le mariage sans son libre et plein consentement. |

| | | |
|---|---|---|
| (5) Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranwa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana. | (5) Spouses are entitled to equal rights and obligations at the time of marriage, during the marriage and at the time of divorce. | (5) Les époux ont les mêmes droits et les mêmes obligations au moment du mariage, dans le mariage et lors du divorce. |
| (6) Itegeko rigena ibigomba gukurikizwa, uburyo n'inkurikizi z'ubushyingiranwe. | (6) A law determines conditions, formalities and effects of marriage. | (6) Une loi détermine les conditions, les formalités et les effets du mariage. |
| **Ingingo ya 18: Kurengera umuryango** | **Article 18: Protection of the family** | **Article 18: Protection de la famille** |
| (1) Umuryango, ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta. | (1) The family, being the natural foundation of the Rwandan society, is protected by the State. | (1) La famille, base naturelle de la société rwandaise, est protégée par l'État. |
| (2) Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo. | (2) Both parents have the right and responsibility to raise their children. | (2) Les deux parents ont le droit et la responsabilité d'élever leurs enfants. |
| (3) Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure. | (3) The State puts in place appropriate legislation and organs for the protection of the family, particularly the child and mother, in order to ensure that the family flourishes. | (3) L'État met en place une législation et des organes appropriés pour la protection de la famille, de l'enfant et de la mère en particulier, en vue de l'épanouissement de la famille. |
| **Ingingo ya 19: Uburenganzira bw'umwana bwo kurengerwa** | **Article 19: Child's right to protection** | **Article 19: Droit de l'enfant à la protection** |
| Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga. | Every child has the right to measures of special protection by his or her family, other Rwandans and the State, depending on his or her age and living conditions, as provided for by national and international law. | Tout enfant a droit, de la part de sa famille, de la société et de l'État, aux mesures de protection spéciale qu'exigent son âge et ses conditions de vie, conformément au droit national et international. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Uburenganzira ku burezi** | **<u>Article 20</u>: Right to education** | **<u>Article 20</u>: Droit à l'éducation** |
| (1) Buri Munyarwanda wese afite uburenganzira ku burezi. | (1) Every Rwandan has the right to education. | (1) Tout Rwandais a droit à l'éducation. |
| (2) Ubwisanzure mu kwiga no kwigisha buremewe mu buryo buteganywa n'amategeko. | (2) Freedom of learning and teaching is guaranteed in accordance with the conditions determined by law. | (2) La liberté d'apprentissage et d'enseignement est garantie dans les conditions déterminées par la loi. |
| (3) Kwiga amashuri abanza ni itegeko kandi ni ubuntu mu mashuri ya Leta. | (3) Primary education is compulsory and free in public schools. | (3) L'enseignement primaire est obligatoire et gratuit dans les établissements scolaires publics. |
| (4) Ku mashuri afashwa na Leta, uburyo bwo kwigira ubuntu mu mashuri abanza buteganywa n'itegeko. | (4) Conditions for free primary education in schools subsidised by the Government are determined by a law. | (4) Pour les établissements subsidiés par l'État, les conditions de gratuité de l'enseignement primaire sont déterminées par une loi. |
| (5) Itegeko rigena imitunganyirize y'uburezi. | (5) A law determines the organisation of education. | (5) Une loi régit l'organisation de l'enseignement. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Uburenganzira ku buzima bwiza** | **<u>Article 21</u>: Right to good health** | **<u>Article 21</u>: Droit à une bonne santé** |
| Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza. | All Rwandans have the right to good health. | Tous les Rwandais ont droit à une bonne santé. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye** | **<u>Article 22</u>: Right to a clean environment** | **<u>Article 22</u>: Droit à un environnement propre** |
| Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye kandi hadafite ingaruka mbi ku buzima. | Everyone has the right to live in a clean and healthy environment. | Toute personne a le droit de vivre dans un environnement propre et sain. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Kubaha imibereho bwite y'umuntu n'iy'umuryango** | **<u>Article 23</u>: Respect for privacy of a person and of family** | **<u>Article 23</u>: Respect de la vie privée de la personne et celle de la famille** |
| (1) Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe cyangwa ubutumwa yohererezanya n'abandi ntibishobora kuvogerwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko; icyubahiro n'agaciro ke bigomba kubahirizwa. | (1) The privacy of a person, his or her family, home or correspondence shall not be subjected to arbitrary interference; the person's honour and dignity must be respected. | (1) Nul ne peut faire l'objet d'immixtion arbitraire dans sa vie privée, celle de sa famille, son domicile ou sa correspondance ; son honneur et sa dignité doivent être respectés. |
| (2) Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa. Ntihashobora gukorwa isakwa mu rugo cyangwa kurwinjiramo kubera impamvu z'igenzura nyirarwo atabyemeye, keretse mu bihe no mu buryo biteganyijwe n'amategeko. | (2) A person's home is inviolable. It may not be searched or entered without the owner's consent, except in circumstances and in accordance with procedures determined by the law. | (2) Le domicile d'une personne est inviolable. Aucune perquisition ou visite domiciliaire ne peut être effectuée sans le consentement du propriétaire, sauf dans les cas et les formes prévus par la loi. |
| (3) Ibanga ry'amabaruwa n'iry'itumanaho ntirishobora kuzitirwa, keretse mu bihe no mu buryo biteganywa n'amategeko. | (3) Confidentiality of correspondence and communication shall not be breached except in circumstances and in accordance with procedures determined by the law. | (3) Le secret de la correspondance et de la communication ne peut faire l'objet de dérogation que dans les cas et les formes prévus par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Uburenganzira ku bwisanzure n'umutekano bya muntu** | **<u>Article 24</u>: Right to liberty and security of person** | **<u>Article 24</u>: Droit à la liberté et à la sécurité de la personne** |
| (1) Ubwisanzure n'umutekano bya muntu byubahirizwa na Leta. | (1) A person's liberty and security are guaranteed by the State. | (1) La liberté et la sécurité de la personne sont garanties par l'État. |
| (2) Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha | (2) No one shall be subjected to prosecution, arrest, detention or | (2) Nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné sauf dans les cas prévus par |

| | | |
|---|---|---|
| keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe. | punishment unless provided for by laws in force at the time the offence alleged against him or her was committed. | la loi en vigueur au moment de la commission de l'infraction alléguée contre lui. |
| (3) Ntawe ushobora gukorerwa igenzurwa keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko kandi kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange rya rubanda cyangwa ku mutekano w'Igihugu. | (3) No one shall be subjected to security measures except as provided for by law and for reasons of public order or State security. | (3) Nul ne peut être soumis à des mesures de sûreté sauf dans les cas et les formes prévus par la loi et pour des raisons d'ordre public ou de sûreté de l'État. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Uburenganzira ku gihugu no ku bwenegihugu** | **<u>Article 25</u>: Right to a homeland and nationality** | **<u>Article 25</u>: Droit à la patrie et à la nationalité** |
| (1) Buri Munyarwanda afite uburenganzira ku gihugu cye. Nta Munyarwanda ushobora gucibwa mu gihugu cye. | (1) Every Rwandan has the right to his or her homeland. No Rwandan can be banished from his or her homeland. | (1) Tout Rwandais a droit à sa patrie. Aucun Rwandais ne peut être banni de sa patrie. |
| (2) Buri Munyarwanda afite uburenganzira ku bwenegihugu nyarwanda. | (2) Every Rwandan has the right to Rwandan nationality. | (2) Tout Rwandais a droit à la nationalité rwandaise. |
| (3) Ubwenegihugu burenze bumwe buremewe. | (3) Dual nationality is permitted. | (3) La double nationalité est permise. |
| (4) Ntawe ushobora kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko. | (4) No one can be deprived of Rwandan nationality of origin. | (4) Nul ne peut être déchu de sa nationalité rwandaise d'origine. |
| (5) Abantu bose bakomoka mu Rwanda n'ababakomokaho bafite uburenganzira bwo guhabwa ubwenegihugu nyarwanda, iyo babisabye. | (5) All persons of Rwandan origin and their descendants are, upon request, entitled to Rwandan nationality. | (5) Toutes les personnes d'origine rwandaise et leurs descendants ont le droit d'acquérir la nationalité rwandaise, s'ils le demandent. |

| | | |
|---|---|---|
| (6) Itegeko Ngenga riteganya ibijyanye n'ubwenegihugu nyarwanda. | (6) An organic law governs Rwandan nationality. | (6) Une loi organique régit la nationalité rwandaise. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Uburenganzira bwo kujya no gutura aho umuntu ashaka** | **<u>Article 26</u>: Right to freedom of movement and residence** | **<u>Article 26</u>: Droit à la liberté de circulation et de résidence** |
| (1) Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu Rwanda. | (1) Every Rwandan has the right to freedom of movement and residence anywhere on the Rwandan territory. | (1) Tout Rwandais a le droit de circuler librement et de choisir sa résidence n'importe où à l'intérieur du territoire rwandais. |
| (2) Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kuva mu Rwanda no kurugarukamo. | (2) Every Rwandan has the right to leave and return to Rwanda. | (2) Tout Rwandais a le droit de quitter le Rwanda et d'y revenir. |
| (3) Uburenganzira bw'Umunyarwanda bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu Rwanda n'uburenganzira bwo kuva mu Gihugu n'ubwo kukigarukamo buzitirwa gusa n'itegeko ku mpamvu z'ituze rusange rya rubanda n'umutekano w'Igihugu, kugira ngo icyahungabanya abaturage gikumirwe cyangwa abari mu kaga barengerwe. | (3) The right for a Rwandan to move freely and to reside anywhere in Rwanda and the right to leave and return to Rwanda may only be restricted by law for reasons of public order and of national security, in order to avert a public threat or to protect persons in danger. | (3) Le droit d'un Rwandais de se déplacer librement et de résider dans n'importe quel lieu du territoire rwandais et le droit de quitter le Rwanda et d'y revenir ne peuvent être limités que par la loi pour des raisons d'ordre public ou de sécurité nationale, afin de parer à un danger public ou de protéger des personnes en péril. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Uburenganzira bwo kugira uruhare mu buyobozi bw'Igihugu no kujya mu mirimo ya Leta** | **<u>Article 27</u>: Right to participate in the governance of the country and right of access to public service** | **<u>Article 27</u>: Droit de participer à la gouvernance du pays et d'accès à la fonction publique** |
| (1) Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bwo kugira uruhare mu buyobozi bw'Igihugu, baba babukoresheje | (1) All Rwandans have the right to participate in the governance of the country, either directly or through their | (1) Tous les Rwandais ont le droit de participer à la gouvernance du pays, soit directement, soit par l'intermédiaire de |

| | | |
|---|---|---|
| ubwabo, cyangwa babinyujije ku babahagarariye bihitiyemo nta gahato, hakurikijwe amategeko. | freely chosen representatives, in accordance with the legislation. | leurs représentants librement choisis conformément à la législation. |
| (2) Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana bwo kujya mu mirimo ya Leta hashingiwe ku bumenyi n'ubushobozi bwabo. | (2) All Rwandans have the right of equal access to the public service in accordance with their competence and abilities. | (2) Tous les Rwandais ont le droit d'accès égal à la fonction publique, conformément à leurs compétences et capacités. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Uburenganzira bwo gusaba ubuhungiro** | **<u>Article 28</u>: Right to seek asylum** | **<u>Article 28</u>: Droit de demande d'asile** |
| Uburenganzira bwo gusaba ubuhungiro bwemewe mu buryo buteganywa n'amategeko. | The right to seek asylum is recognised under conditions determined by law. | Le droit de demande d'asile est reconnu dans les conditions définies par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Uburenganzira ku butabera buboneye** | **<u>Article 29</u>: Right to due process of law** | **<u>Article 29</u>: Droit à la garantie de justice** |
| (1) Buri muntu afite uburenganzira ku butabera buboneye, burimo uburenganzira bwo: | (1) Everyone has the right to due process of law, which includes the right: | (1) Chaque personne a droit à la garantie de justice comprenant le droit de: |
| (a) kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha akurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa; | (a) to be informed of the nature and cause of charges and the right to defence and legal representation; | (a) être informée de la nature et des motifs de l'accusation, le droit de la défense et de représentation légale; |
| (b) gufatwa nk'umwere kugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha; | (b) to be presumed innocent until proved guilty by a competent Court; | (b) être présumée innocent jusqu'à ce que sa culpabilité soit prouvée par une juridiction compétente; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) kuburanira imbere y'urukiko rubifitiye ububasha; | (c) to appear before a competent Court; | (c) comparaître devant une juridiction compétente; |
| (d) kudakurikiranwa, kudafatwa, kudafungwa cyangwa kudahanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'Igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Ibyaha n'ibihano bijyanye na byo biteganywa n'amategeko; | (d) not to be subjected to prosecution, arrest, detention or punishment on account of any act or omission which did not constitute an offence under national or international law at the time it was committed. Offences and their penalties are determined by law; | (d) ne pas être poursuivie, arrêtée, détenue ou condamnée pour une action ou omission qui ne constituait pas une infraction d'après le droit national ou international au moment où elle a été commise. Les infractions et les peines y afférentes sont déterminées par la loi; |
| (e) kutaryozwa icyaha atakoze; uburyozwacyaha ni gatozi ku wakoze icyaha; | (e) not to be held liable for an offence he or she did not commit; criminal liability is personal; | (e) ne pas être responsable d'une infraction qu'elle n'a pas commise; la responsabilité pénale est personnelle; |
| (f) kudahanishwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha; | (f) not to be punished for an offence with a penalty that is more severe than the penalty provided for by the law at the time that offence was committed; | (f) ne pas être condamnée à une peine plus sévère que celle qui était prévue par la loi au moment où l'infraction a été commise; |
| (g) kudafungwa bitewe gusa no kutagira ubushobozi bwo kubahiriza inshingano ituruka ku masezerano; | (g) not to be imprisoned merely on the ground of inability to fulfil a contractual obligation; | (g) ne pas être emprisonnée pour la seule raison qu'elle n'est pas en mesure d'exécuter une obligation contractuelle; |
| (h) kudakurikiranwa cyangwa kudahanirwa icyaha cyashaje. Icyakora, icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ntibisaza. Itegeko | (h) not to be prosecuted or punished for an offence which has reached its statute of limitations. However, the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes are not | (h) ne pas être poursuivie ou punie pour une infraction qui a atteint son délai de prescription. Toutefois, le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre |

| | | |
|---|---|---|
| rishobora kugena ibindi byaha bidasaza. | subject to a statute of limitations. A law may determine other crimes which are not subject to a statute of limitations. | sont imprescriptibles. Une loi peut déterminer d'autres crimes imprescriptibles. |
| (2) U Rwanda ntirushobora kohereza ikindi gihugu Umunyarwanda gikurikiranyeho icyaha. | (2) Rwanda cannot extradite any Rwandan to another country. | (2) Le Rwanda ne peut pas extrader un Rwandais vers un autre pays. |
| (3) Kohereza ikindi gihugu abanyamahanga bakurikiranyweho icyaha, byemewe gusa iyo bikurikije amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye. | (3) Extradition of foreigners is authorised only if it is in accordance with the law or international agreements to which Rwanda is a party. | (3) L'extradition des étrangers n'est autorisée que dans les limites prévues par la loi ou les conventions internationales auxquelles le Rwanda est partie. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Uburenganzira bwo guhitamo umurimo** | **<u>Article 30</u>: Right to free choice of employment** | **<u>Article 30</u>: Droit au libre choix du travail** |
| (1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhitamo no gukora umurimo umunogeye. | (1) Everyone has the right to free choice of employment. | (1) Toute personne a droit au libre choix de son travail. |
| (2) Abantu bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose. | (2) All individuals, without any form of discrimination, have the right to equal pay for equal work. | (2) Toutes les personnes ont droit, sans aucune discrimination, à un salaire égal pour un travail égal. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi n'amashyirahamwe y'abakoresha** | **<u>Article 31</u>: Right to form trade unions and employers' associations** | **<u>Article 31</u>: Droit de former des syndicats et des associations d'employeurs** |
| (1) Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi zigamije kurengera no guteza | (1) The right to form trade unions for the defence and promotion of legitimate professional interests is recognised. | (1) Le droit de former des syndicats pour la défense et la promotion des intérêts professionnels légitimes est reconnu. |

| | | |
|---|---|---|
| imbere inyungu z'umwuga bafitiye uburenganzira buremewe. | | |
| (2) Buri mukozi ashobora kurengera uburenganzira bwe abinyujije mu rugaga rw'abakozi mu buryo buteganywa n'amategeko. | (2) Every worker may defend his or her rights through a trade union in accordance with the law. | (2) Tout travailleur peut défendre ses droits par l'action syndicale dans les conditions déterminées par la loi. |
| (3) Buri mukoresha afite uburenganzira bwo kwinjira mu ishyirahamwe ry'abakoresha. | (3) Every employer has the right to join an employers' association. | (3) Tout employeur a droit d'adhérer à une association d'employeurs. |
| **Ingingo ya 32: Uburenganzira ku mishyikirano igamije amasezerano rusange** | **Article 32: Right to collective bargaining** | **Article 32: Droit aux négociations collectives** |
| Ingaga z'umurimo z'abakozi n'amashyirahamwe y'abakoresha bifite uburenganzira bwo kugirana imishyikirano kandi bashobora gukorana amasezerano rusange cyangwa yihariye agenga imikoranire yabyo. Uburyo ayo masezerano akorwa bugenwa n'itegeko. | Trade unions and employers' associations have the right to engage in collective bargaining and may enter into general or specific agreements regulating their working relations. Modalities for making these agreements are determined by law. | Les syndicats de travailleurs et les associations d'employeurs sont libres de mener des négociations collectives ainsi que des conventions générales ou spécifiques régissant leurs relations de travail. Les modalités de conclusion de ces conventions sont définies par la loi. |
| **Ingingo ya 33: Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo** | **Article 33: Right to strike** | **Article 33: Droit à la grève** |
| Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo basaba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa buremewe kandi bukoreshwa hakurikijwe amategeko abugenga. Ubwo burenganzira ntibushobora guhungabanya | The right of workers to strike is permitted and is exercised within the limits provided for by the law. This right shall not be exercised in a manner that infringes upon | Le droit des travailleurs à la grève est reconnu et s'exerce dans les conditions définies par la loi. L'exercice de ce droit ne peut pas porter atteinte à la liberté d'autrui au travail, reconnue à chacun. |

| | | |
|---|---|---|
| uburenganzira bw'undi ku murimo kuko bwemerewe buri wese. | somebody else's freedom at work, which is guaranteed to everyone. | |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Uburenganzira ku mutungo bwite** | **<u>Article 34</u>: Right to private property** | **<u>Article 34</u>: Droit à la propriété privée** |
| (1) Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. | (1) Everyone has the right to private property, whether individually or collectively owned. | (1) Toute personne a droit à la propriété privée individuelle ou collective. |
| (2) Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. | (2) Private property, whether owned individually or collectively, is inviolable. | (2) La propriété privée individuelle ou collective est inviolable. |
| (3) Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa, keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | (3) The right to property shall not be encroached upon except in public interest and in accordance with the provisions of the law. | (3) Il ne peut être porté atteinte au droit de propriété que pour cause d'utilité publique et conformément aux dispositions légales. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Uburenganzira ku mutungo bwite w'ubutaka** | **<u>Article 35</u>: Right to private ownership of land** | **<u>Article 35</u>: Droit à la propriété foncière privée** |
| (1) Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta. | (1) Private ownership of land and other rights related to land are granted by the State. | (1) La propriété foncière privée et d'autres droits grevant la propriété foncière sont concédés par l'État. |
| (2) Itegeko rigena uburyo bwo gutanga ubutaka, kubuhererekanya no kubukoresha. | (2) A law determines modalities of concession, transfer and use of land. | (2) Une loi détermine les modalités de concession, de transfert et d'exploitation de la propriété foncière. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu** | **<u>Article 36</u>: Right to activities promoting national culture** | **<u>Article 36</u>: Droit aux activités de promotion de la culture nationale** |
| Umunyarwanda wese afite uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu n'inshingano yo kuwuteza imbere. | Every Rwandan has the right to activities that promote national culture and duty to promote it. | Tout Rwandais a le droit aux activités de promotion de la culture nationale et le devoir de la promouvoir. |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Ubwisanzure mu mitekerereze no mu myemerere** | **<u>Article 37</u>: Freedom of conscience and religion** | **<u>Article 37</u>: Liberté de conscience et de religion** |
| (1) Ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama, mu guhitamo idini, mu gusenga no kubigaragaza mu ruhame burengerwa na Leta mu buryo buteganywa n'amategeko. | (1) Freedom of thought, conscience, religion, worship and public manifestation thereof is guaranteed by the State in accordance with the law. | (1) La liberté de pensée, de conscience, de religion, de culte et de leur manifestation publique est garantie par l'État conformément à la loi. |
| (2) Kwamamaza ivangura rishingiye ku isanomuzi, ku karere, ku bwoko cyangwa ku macakubiri ayo ari yo yose bihanwa n'amategeko. | (2) Propagation of ethnic, regional, racial discrimination or any other form of division is punished by law. | (2) Toute propagande à caractère ethnique, régionaliste, raciste ou basée sur toute autre forme de division est punie par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru** | **<u>Article 38</u>: Freedom of press, of expression and of access to information** | **<u>Article 38</u>: Liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information** |
| (1) Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. | (1) Freedom of press, of expression and of access to information are recognised and guaranteed by the State. | (1) La liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information sont reconnues et garanties par l'État. |
| (2) Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru | (2) Freedom of expression and freedom of access to information shall not prejudice | (2) La liberté d'expression et la liberté d'accès à l'information ne doivent pas |

| | | |
|---|---|---|
| ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we. | public order, good morals, the protection of youth and children, the right of every citizen to honour and dignity and protection of personal and family privacy. | porter atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs, à la protection des jeunes et des enfants ainsi qu'au droit dont jouit tout citoyen à l'honneur, à la dignité et à la préservation de l'intimité de sa vie personnelle et familiale. |
| (3) Uko ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko. | (3) Conditions for exercising and respect for freedom of press, of expression and of access to information are determined by law. | (3) Les conditions d'exercice et de respect de la liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information sont déterminées par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Uburenganzira bwo kwishyira hamwe** | **<u>Article 39</u>: Right to freedom of association** | **<u>Article 39</u>: Droit à la liberté d'association** |
| (1) Uburenganzira bwo kwishyira hamwe buremewe, kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya. | (1) The right to freedom of association is guaranteed and does not require prior authorisation. | (1) Le droit à la liberté d'association est garanti et ne peut pas être soumis à l'autorisation préalable. |
| (2) Uburenganzira bwo kwishyira hamwe bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | (2) The right to freedom of association is exercised under conditions determined by law. | (2) Les conditions d'exercice du droit à la liberté d'association sont déterminées par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Uburenganzira bwo guteranira hamwe** | **<u>Article 40</u>: Right to freedom of assembly** | **<u>Article 40</u>: Droit à la liberté de réunion** |
| (1) Uburenganzira bwo guteranira mu nama z'ituze kandi nta ntwaro buremewe. | (1) The right to freedom of peaceful and unarmed assembly is guaranteed. | (1) Le droit à la liberté de se réunir pacifiquement et sans armes est garanti. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Uburenganzira bwo guteranira mu nama z'ituze kandi nta ntwaro bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya keretse igihe biteganyijwe n'amategeko. | (2) The right to freedom of peaceful and unarmed assembly is exercised in accordance with law and does not require prior authorisation, except when provided for by law. | (2) Les conditions d'exercice du droit à la liberté de se réunir pacifiquement et sans armes sont déterminées par la loi et ce droit ne nécessite pas d'autorisation préalable, sauf lorsque cela est prévu par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Aho uburenganzira n'ubwisanzure bigarukira** | **<u>Article 41</u>: Limitation of rights and freedoms** | **<u>Article 41</u>: Limitation de l'exercice des droits et libertés** |
| Mu gukoresha uburenganzira n'ubwisanzure, buri wese azitirwa gusa n'itegeko rigamije kwemera no kubahiriza uburenganzira n'ubwisanzure by'abandi n'imyitwarire iboneye, ituze rusange rya rubanda n'imibereho myiza muri rusange biranga igihugu kigendera kuri demokarasi. | In exercising rights and freedoms, everyone is subject only to limitations provided for by the law aimed at ensuring recognition of and respect for other people's rights and freedoms, as well as public morals, public order and social welfare which generally characterise a democratic society. | Dans l'exercice de ses droits et dans la jouissance de ses libertés, chacun n'est soumis qu'aux limitations établies par la loi ayant pour objet la reconnaissance et le respect des droits et libertés d'autrui, ainsi que les exigences de la moralité publique, de l'ordre public et du bien-être social qui caractérisent généralement une société démocratique. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Guteza imbere no kurinda uburenganzira n'ubwisanzure** | **<u>Section 2</u>: Promotion and protection of rights and freedoms** | **<u>Section 2</u>: Promotion et protection des droits et des libertés** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Guteza imbere uburenganzira bwa muntu** | **<u>Article 42</u>: Promotion of human rights** | **<u>Article 42</u>: Promotion des droits de la personne** |
| Guteza imbere uburenganzira bwa muntu ni inshingano ya Leta. Bishinzwe by'umwihariko Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu. Iyo Komisiyo irigenga. | The promotion of human rights is a responsibility of the State. This responsibility is particularly exercised by the National Commission for Human Rights. This Commission is independent. | L'État est responsable de la promotion des droits de la personne. Cette responsabilité incombe particulièrement à la Commission nationale des Droits de la Personne. Cette Commission est indépendante. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Kurinda uburenganzira n'ubwisanzure** | **<u>Article 43</u>: Protection of rights and freedoms** | **<u>Article 43</u>: Protection des droits et libertés** |
| Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni bwo murinzi w'uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu. Iyo nshingano yubahirizwa mu buryo buteganywa n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko. | The Judiciary is the guardian of human rights and freedoms. This duty is exercised in accordance with this Constitution and other laws. | Le Pouvoir judiciaire est le gardien des droits et des libertés de la personne. Cette mission est exercée conformément à la présente Constitution et aux autres lois. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INSHINGANO ZA LETA N'IZ'ABENEGIHUGU** | **<u>CHAPTER V</u>: DUTIES OF THE STATE AND OF CITIZENS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DEVOIRS DE L'ÉTAT ET CEUX DES CITOYENS** |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Kubaha umutungo wa Leta** | **<u>Article 44</u>: Respect for State property** | **<u>Article 44</u>: Respect du patrimoine de l'État** |
| (1) Buri wese agomba kubaha umutungo wa Leta. | (1) Everyone has a duty to respect State property. | (1) Toute personne est tenue de respecter le patrimoine de l'État. |
| (2) Umutungo wa Leta ugizwe n'umutungo rusange n'umutungo bwite wa Leta ndetse n'umutungo rusange n'umutungo bwite w'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'uw'inzego za Leta bifite ubuzimagatozi. | (2) State property is composed of public and private property of the State, as well as the public and private property of decentralised administrative entities and State organs with legal personality. | (2) Le patrimoine de l'État comprend le domaine public et le domaine privé de l'État ainsi que le domaine public et le domaine privé des entités administratives décentralisées et des organes de l'État dotés de la personnalité juridique. |
| (3) Umutungo rusange wa Leta ntushobora gutangwa keretse ubanje gushyirwa mu mutungo bwite wa Leta hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | (3) Public State property is inalienable unless there has been prior transfer thereof to the private State property in accordance with the legislation. | (3) Les biens du domaine public sont inaliénables sauf leur désaffectation préalable en faveur du domaine privé de l'État conformément à la loi. |
| (4) Igikorwa cyose kigamije konona, gusenya, kurigisa, gusesagura no | (4) Any act intended to damage, destroy, embezzle, squander and spoil State property is punished by law. | (4) Tout acte visant à endommager, détruire, détourner, dilapider et ruiner les biens de l'État est puni par la loi. |

| | | |
|---|---|---|
| kwangiza umutungo wa Leta gihanwa n'amategeko. | | |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Guteza imbere ibikorwa bigamije ubuzima bwiza** | **<u>Article 45</u>: Promotion of activities aimed at good health** | **<u>Article 45</u>: Promotion des activités visant la bonne santé** |
| (1) Leta ifite inshingano zo gukangurira abenegihugu ibikorwa bigamije ubuzima bwiza no kubafasha kubigeraho. | (1) The State has the duty to mobilise the population for activities aimed at good health and to assist them in the realisation of those activities. | (1) L'État a le devoir de mobiliser la population pour les activités visant la bonne santé et de les assister à réaliser ces activités. |
| (2) Buri Munyarwanda afite inshingano zo kwitabira ibikorwa bigamije ubuzima bwiza. | (2) Every Rwandan has the duty to take part in activities aimed at good health. | (2) Chaque Rwandais a le devoir de prendre part aux activités visant la bonne santé. |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Kubana neza n'abandi** | **<u>Article 46</u>: Maintaining of good relations with others** | **<u>Article 46</u>: Entretien de bonnes relations avec les autres** |
| Umunyarwanda wese afite inshingano zo kubaha no kutagira uwo avangura, no kugirana na bagenzi be imibanire igamije kubumbatira, guharanira no gushimangira ubwubahane, ubufatanye n'ubworoherane hagati yabo. | Every Rwandan has the duty to respect and consider his or her fellow beings without discrimination and to maintain relations aimed at safeguarding, promoting and reinforcing mutual respect, solidarity and tolerance. | Tout Rwandais a le devoir de respecter et de considérer ses semblables sans discrimination aucune et d'entretenir avec eux des relations qui permettent de sauvegarder, de promouvoir et de renforcer le respect, la solidarité et la tolérance réciproques. |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Kurengera no guteza imbere umuco w'Igihugu** | **<u>Article 47</u>: Safeguard and promotion of national culture** | **<u>Article 47</u>: Sauvegarde et promotion de la culture nationale** |
| (1) Leta ifite inshingano zo kurengera no guteza imbere indangagaciro z'Igihugu zishingiye ku mibereho no ku mitekerereze ndangamuco ndetse no ku | (1) The State has the duty to safeguard and promote national values based on cultural traditions and practices so long | (1) L'État a le devoir de sauvegarder et de promouvoir les valeurs nationales fondées sur les traditions et les pratiques culturelles dans la mesure où elles ne sont |

| | | |
|---|---|---|
| biranga umuco w'Igihugu, mu gihe bitabangamiye uburenganzira bwa muntu, ituze rusange rya rubanda n'imyifatire ndangabupfura. | as they do not conflict with human rights, public order and good morals. | pas contraires aux droits de la personne, à l'ordre public et aux bonnes mœurs. |
| (2) Leta ifite kandi inshingano yo kwita ku mutungo ndangamurage w'Igihugu. | (2) The State also has the duty to preserve the national cultural heritage. | (2) L'État a également le devoir de veiller à la conservation du patrimoine culturel national. |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu** | **<u>Article 48</u>: Participation in the development of the country** | **<u>Article 48</u>: Participation au développement du pays** |
| (1) Leta ifite inshingano yo gushyiraho uburyo bwo guteza imbere abenegihugu. | (1) The State has the duty to put in place development strategies for its citizens. | (1) L'État a le devoir de mettre en place des stratégies de développement pour ses citoyens. |
| (2) Abanyarwanda bose bafite inshingano zo kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu bitabira umurimo, babumbatira amahoro, demokarasi, ubutabera n'uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera Igihugu cyabo. | (2) All Rwandans have the duty to participate in the development of the country through their dedication to work, safeguarding peace, democracy, equality and social justice as well as to participate in the defence of their country. | (2) Tous les Rwandais ont le devoir de contribuer au développement du pays par leur dévouement au travail, en sauvegardant la paix, la démocratie, l'égalité et la justice sociale et de participer à la défense de leur pays. |
| (3) Itegeko rigena ibyerekeye gukorera Igihugu mu bwitange. | (3) A law governs the organisation of national service. | (3) Une loi détermine l'organisation du service national. |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Kubaha Itegeko Nshinga n'andi mategeko** | **<u>Article 49</u>: Respect of the Constitution and other laws** | **<u>Article 49</u>: Respect de la Constitution et des autres lois** |
| (1) Umunyarwanda wese afite inshingano yo kubaha Itegeko Nshinga n'andi mategeko y'Igihugu. | (1) Every Rwandan has the duty to respect the Constitution and the other laws of the country. | (1) Tout Rwandais a le devoir de respecter la Constitution et les autres lois du pays. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Buri Munyarwanda afite inshingano yo kudakurikiza amabwiriza ahawe n'umutegeka mu gihe ayo mabwiriza abangamiye ku buryo bukomeye kandi bugaragara uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu. | (2) Every Rwandan has the duty to defy superior orders if they constitute a serious and obvious violation of human rights and freedoms. | (2) Tout Rwandais a le devoir de refuser de se soumettre aux ordres de ses supérieurs si ces ordres constituent une violation grave et manifeste des droits de l'homme et des libertés. |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Kwita ku mibereho y'abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi** | **<u>Article 50</u>: Welfare of needy survivors of the Genocide against the Tutsi** | **<u>Article 50</u>: Bien-être des nécessiteux rescapés du Génocide perpétré contre les Tutsi** |
| Leta, mu bushobozi bwayo no mu buryo buteganywa n'amategeko, ifite inshingano yo guteganya ibikorwa byihariye bigamije imibereho myiza y'abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi. | The State, within the limits of its means and in accordance with the law, has the duty to undertake special actions aimed at the welfare of the needy survivors of the Genocide against the Tutsi. | L'État, dans les limites de ses moyens et conformément à la loi, a le devoir d'entreprendre des actions spéciales visant le bien-être des nécessiteux rescapés du Génocide perpétré contre les Tutsi. |
| **<u>Ingingo ya 51</u>: Kwita ku mibereho y'abantu bafite ubumuga n'abandi batishoboye** | **<u>Article 51</u>: Welfare of persons with disabilities and other needy persons** | **<u>Article 51</u>: Bien-être des personnes handicapées et des autres nécessiteux** |
| (1) Leta ifite inshingano yo gushyiraho uburyo bwihariye bworohereza abantu bafite ubumuga kwiga. | (1) The State has the duty to establish special measures facilitating the education of persons with disabilities. | (1) L'État a l'obligation de mettre en place des mesures spéciales facilitant l'éducation des personnes handicapées. |
| (2) Leta, mu bushobozi bwayo, ifite kandi inshingano yo guteganya ibikorwa byihariye bigamije imibereho myiza y'abantu bafite ubumuga. | (2) The State also has the duty, within its means, to undertake special actions aimed at the welfare of persons with disabilities. | (2) L'État a également le devoir, dans ses moyens, d'entreprendre des actions spéciales visant le bien-être des personnes handicapées. |
| (3) Leta ifite na none inshingano, mu bushobozi bwayo, yo guteganya ibikorwa | (3) The State has also the duty, within the limits of its means, to undertake special | (3) L'État a également le devoir, dans ses moyens, d'entreprendre des actions |

| | | |
|---|---|---|
| byihariye bigamije imibereho myiza y'abatishoboye, abageze mu zabukuru n'abandi batagira kivurira. | actions aiming at the welfare of the needy, the elderly and other vulnerable groups. | spéciales visant le bien-être des plus nécessiteux, des personnes âgées ainsi que d'autres personnes vulnérables. |
| **<u>Ingingo ya 52</u>: Kubungabunga inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi** | **<u>Article 52</u>: Preservation of memorial sites of the Genocide against the Tutsi** | **<u>Article 52</u>: Préservation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi** |
| Leta na buri muntu bafite inshingano yo kubungabunga no kurinda inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi. | The State and everyone have the duty to preserve and safeguard memorial sites of the Genocide against the Tutsi. | L'État et toute personne ont le devoir de préserver et sauvegarder les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi. |
| **<u>Ingingo ya 53</u>: Kurengera ibidukikije** | **<u>Article 53</u>: Protection of the environment** | **<u>Article 53</u>: Protection de l'environnement** |
| (1) Buri muntu afite inshingano yo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije. | (1) Everyone has the duty to protect, safeguard and promote the environment. | (1) Toute personne a le devoir de protéger, de sauvegarder et de promouvoir l'environnement. |
| (2) Leta yishingira kurengera ibidukikije. | (2) The State ensures the protection of the environment. | (2) L'État veille à la protection de l'environnement. |
| (3) Itegeko rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije. | (3) A law determines modalities for protecting, conserving and promoting the environment. | (3) Une loi régit les modalités de protéger, de sauvegarder et de promouvoir l'environnement. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: IMITWE YA POLITIKI** | **<u>CHAPTER VI</u>: POLITICAL ORGANISATIONS** | **<u>CHAPITRE VI</u>: FORMATIONS POLITIQUES** |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Iyemerwa ry'imitwe ya politiki** | **<u>Article 54</u>: Recognition of political organisations** | **<u>Article 54</u>: Reconnaissance des formations politiques** |
| (1) Imitwe ya politiki myinshi iremewe. | (1) A multiparty system is recognised. | (1) Le multipartisme est reconnu. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Imitwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko yemerewe gushingwa no gukora mu bwisanzure. | (2) Political organisations fulfilling the conditions required by law may be formed and operate freely. | (2) Les formations politiques remplissant les conditions légales peuvent être formées et exercer librement leurs activités. |
| (3) Imitwe ya politiki yemewe ibona inkunga ya Leta. | (3) Duly registered political organisations receive State grants. | (3) Les formations politiques légalement constituées bénéficient d'une subvention de l'État. |
| (4) Itegeko Ngenga rigena uburyo imitwe ya politiki ishyirwaho, imikorere yayo, imyitwarire y'abayobozi bayo n'uko ibona inkunga ya Leta. | (4) An organic law determines the modalities for the establishment and functioning of political organisations, the conduct of their leaders, and the process of receiving State grants. | (4) Une loi organique régit les modalités de création et de fonctionnement des formations politiques, l'éthique de leurs leaders et la procédure d'obtention des subventions de l'État. |
| **<u>Ingingo ya 55</u>: Uburenganzira bwo kujya mu mutwe wa politiki** | **<u>Article 55</u>: Freedom to join a political organisation** | **<u>Article 55</u>:Liberté d'adhérer à une formation politique** |
| (1) Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya mu mutwe wa politiki yihitiyemo cyangwa ubwo kutawujyamo. | (1) Every Rwandan has a right to join a political organisation of his or her choice, or not to join any. | (1) Tout Rwandais a le droit d'adhérer à une formation politique de son choix ou de n'adhérer à aucune. |
| (2) Nta Munyarwanda ushobora gukorerwa ivangura ku mpamvu z'uko ari mu mutwe wa politiki uyu n'uyu cyangwa ko nta mutwe wa politiki arimo. | (2) No Rwandan shall be subject to discrimination on grounds of membership in a given political organisation, or non-membership in a political organisation. | (2) Aucun Rwandais ne peut faire l'objet de discrimination fondée sur son appartenance à une quelconque formation politique ou la non-appartenance à une formation politique. |
| **<u>Ingingo ya 56</u>: Ibisabwa imitwe ya politiki** | **<u>Article 56</u>: Obligations of political organisations** | **<u>Article 56</u>: Obligations aux formations politiques** |
| (1) Imitwe ya politiki igomba buri gihe kugaragaramo ubumwe | (1) Political organisations must always reflect the unity of Rwandans as well as | (1) Les formations politiques doivent toujours refléter l'unité nationale ainsi |

bw'Abanyarwanda hamwe n'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byayo.

(2) Imitwe ya politiki igomba kubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko. Igomba gukurikiza amahame ya demokarasi, kandi ntihungabanye ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'Igihugu.

**<u>Ingingo ya 57</u>: Ibibujijwe imitwe ya politiki**

Imitwe ya politiki ibujijwe gushingira ku isanomuzi, ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku karere, ku gitsina, ku idini, cyangwa ku kindi kintu cyose cyatuma habaho ivangura.

**<u>Ingingo ya 58</u>: Gukurikirana umutwe wa politiki**

(1) Sena ikurikirana umutwe wa politiki wateshutse bikomeye ku nshingano zikubiye mu ngingo ya 10, iya 56 n'iya 57 z'iri Tegeko Nshinga.

(2) Bitewe n'uburemere bw'ikosa ry'umutwe wa politiki ryagaragajwe,

equality and complementarity of women and men in the recruitment of members, in establishing their leadership organs, and in their functioning and activities.

(2) Political organisations must abide by the Constitution and other laws. They must conform to democratic principles and not compromise national unity, territorial integrity and national security.

**<u>Article 57</u>: Prohibitions for political organisations**

Political organisations are prohibited from basing themselves on race, ethnic group, tribe, lineage, ancestry, region, sex, religion or any other division which may lead to discrimination.

**<u>Article 58</u>: Holding accountable a political organisation**

(1) The Senate holds accountable a political organisation that has grossly violated obligations provided for in Articles 10, 56 and 57 of this Constitution.

(2) Depending on the gravity of the violation identified, the Senate may

que l'égalité et la complémentarité entre les femmes et les hommes dans le recrutement des membres, dans la mise en place des organes dirigeants, et dans leur fonctionnement et leurs activités.

(2) Les formations politiques doivent respecter la Constitution et les autres lois. Elles doivent se conformer aux principes démocratiques et éviter de porter atteinte à l'unité nationale, à l'intégrité du territoire et à la sécurité nationale.

**<u>Article 57</u>: Interdictions aux formations politiques**

Il est interdit aux formations politiques de s'identifier à une race, une ethnie, une tribu, un lignage, une ascendance, une région, un sexe, une religion ou à tout autre élément pouvant servir de base à la discrimination.

**<u>Article 58</u>: Tenir responsable une formation politique**

(1) Le Sénat tient responsable une formation politique pour manquement grave aux obligations visées aux articles 10, 56 et 57 de la présente Constitution.

(2) Suivant la gravité du manquement constatée, le Sénat peut requérir l'organe

| | | |
|---|---|---|
| Sena ishobora gusaba urwego rufite mu nshingano zarwo imikorere y'imitwe ya politiki gufatira uwo mutwe wa politiki kimwe mu byemezo bikurikira:<br><br>(a) kuwihanangiriza ku mugaragaro;<br><br>(b) guhagarika ibikorwa byawo mu gihe kitarenze imyaka ibiri;<br><br>(c) guhagarika ibikorwa byawo mu gihe cya manda yose y'Abadepite;<br><br>(d) gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwa ry'umutwe wa politiki. | request the organ in charge of political organisations to take any of the following measures against that political organisation:<br><br>(a) formal warning;<br><br>(b) suspension of its activities for a period not exceeding two years;<br><br>(c) suspension of its activities for the entire parliamentary term;<br><br>(d) cancellation of the certificate of registration of a political organisation. | ayant les formations politiques dans ses attributions, de prendre l'une des mesures suivantes contre cette formation politique:<br><br>(a) l'avertissement solennel;<br><br>(b) la suspension de ses activités pour une durée n'excédant pas deux ans;<br><br>(c) la suspension de ses activités pour toute la durée de la législature;<br><br>(d) l'annulation du certificat d'enregistrement de la formation politique. |
| (3) Iyo hafashwe icyemezo cyo gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwa ry'umutwe wa politiki, Abadepite batowe baturutse muri uwo mutwe wa politiki bahita bakurwa ku mwanya w'ubudepite. | (3) When the decision is the cancellation of the certificate of registration of a political organisation, Deputies seconded by that political organisation automatically lose their parliamentary seats. | (3) Lorsque la décision consiste en l'annulation du certificat d'enregistrement de la formation politique, les Députés élus sous le parrainage de cette formation politique sont automatiquement déchus de leurs mandats parlementaires. |
| **<u>Ingingo ya 59</u>: Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki**<br><br>(1) Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rihuza imitwe ya politiki kugira | **<u>Article 59</u>: National Consultative Forum of Political Organisations**<br><br>(1) The National Consultative Forum of Political Organisations brings together political organisations for the purposes | **<u>Article 59</u>: Forum national de Concertation des Formations politiques**<br><br>(1) Le Forum national de Concertation des Formations politiques rassemble les formations politiques pour des raisons de |

| | | |
|---|---|---|
| ngo ishobore kungurana ibitekerezo no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. | of political dialogue, and building consensus and national cohesion. | dialogue politique, et de construire le consensus et la cohésion nationale. |
| (2) Uburyo Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rikora biteganywa n'Itegeko Ngenga rigena uburyo imitwe ya politiki ishyirwaho, imikorere yayo, imyitwarire y'abayobozi bayo n'uko ibona inkunga ya Leta. | (2) The functioning of the National Consultative Forum of Political Organisations is provided for by the organic law determining the modalities for the establishment and functioning of political organisations, the conduct of their leaders, and the process of receiving State grants. | (2) Le fonctionnement du Forum national de Concertation des Formations politiques est déterminé par la loi organique régissant les modalités de création et de fonctionnement des formations politiques, l'éthique de leurs leaders et la procédure d'obtention des subventions de l'État. |
| **<u>Ingingo ya 60</u>: Abantu bakora imirimo itabangikanywa no kuba mu mitwe ya politiki** | **<u>Article 60</u>: Persons whose functions are incompatible with membership in political organisations** | **<u>Article 60</u>: Personnes dont les fonctions sont incompatibles avec l'adhésion aux formations politiques** |
| (1) Abacamanza, abashinjacyaha, abasirikare, abapolisi n'abakozi bo mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano ntibemerewe kuba mu mitwe ya politiki. | (1) Judges, prosecutors, soldiers, police officers and members of the National Intelligence and Security Service are prohibited from being members of political organisations. | (1) Les juges, les officiers de poursuite judiciaire, les militaires et les policiers ainsi que les membres du Service national de Renseignements et de Sécurité ne sont pas autorisés à adhérer à des formations politiques. |
| (2) Itegeko rishobora guteganya abandi bakora imirimo itabangikanywa no kuba mu mitwe ya politiki. | (2) A law may determine other persons whose functions are incompatible with membership in political organisations. | (2) Une loi peut prévoir d'autres personnes dont les fonctions sont incompatibles avec l'adhésion aux formations politiques. |
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: INZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA** | **<u>CHAPTER VII</u>: BRANCHES OF GOVERNMENT** | **<u>CHAPITRE VII</u>: POUVOIRS DE L'ÉTAT** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo rusange ku nzego z'ubutegetsi bwa Leta** | **<u>Section One</u>: General provisions on branches of Government** | **<u>Section première</u>: Dispositions générales concernant les pouvoirs de l'État** |
| **<u>Ingingo ya 61</u>: Inzego z'Ubutegetsi bwa Leta** | **<u>Article 61</u>: Branches of Government** | **<u>Article 61</u>: Pouvoirs de l'État** |
| (1) Inzego z'Ubutegetsi bwa Leta ni izi zikurikira: | (1) Branches of Government are the following: | (1) Les Pouvoirs de l'État sont les suivants : |
| (a) Ubutegetsi Nshingamategeko; | (a) the Legislature; | (a) le Pouvoir législatif ; |
| (b) Ubutegetsi Nyubahirizategeko; | (b) the Executive; | (b) le Pouvoir exécutif ; |
| (c) Ubutegetsi bw'Ubucamanza. | (c) the Judiciary. | (c) le Pouvoir judiciaire. |
| (2) Ubutegetsi Nshingamategeko, Ubutegetsi Nyubahirizategeko n'Ubutegetsi bw'Ubucamanza buratandukanye kandi buri butegetsi burigenga, ariko bwose bukuzuzanya. Inshingano, imitunganyirize n'imikorere yabwo biteganywa n'iri Tegeko Nshinga. | (2) The Legislature, the Executive and the Judiciary are separate and independent from each other but are all complementary. Their responsibilities, organisation and functioning are defined by this Constitution. | (2) Le Pouvoir législatif, le Pouvoir exécutif et le Pouvoir judiciaire sont séparés et indépendants l'un de l'autre mais sont complémentaires. Leurs attributions, organisation et fonctionnement sont définis dans la présente Constitution. |
| (3) Leta igomba gukora ku buryo imirimo yo mu Butegetsi Nshingamategeko, Nyubahirizategeko n'iy'ubw'Ubucamanza ikorwa n'abantu bayifitiye ubushobozi n'ubwangamugayo. | (3) The State must ensure that duties in the Legislature, Executive and Judiciary are entrusted to persons of competence and integrity. | (3) L'État doit veiller à ce que les fonctions au sein des Pouvoirs législatif, exécutif et judiciaire soient exercées par des personnes compétentes et intègres. |

| Ingingo ya 62: Isaranganya ry'ubutegetsi | Article 62: Power-sharing | Article 62: Partage du pouvoir |
|---|---|---|
| (1) Gusaranganya ubutegetsi byubahirizwa mu nzego za Leta hakurikijwe amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'iri Tegeko Nshinga n'ibiteganywa n'andi mategeko. | (1) Power-sharing is respected in State institutions in accordance with the fundamental principles set out under Article 10 of this Constitution and the provisions of other laws. | (1) Le partage du pouvoir est respecté dans les institutions de l'État conformément aux principes fondamentaux prévus par l'article 10 de la présente Constitution et aux dispositions d'autres lois. |
| (2) Perezida wa Repubulika na Perezida w'Umutwe w'Abadepite ntibashobora guturuka mu mutwe umwe wa politiki. | (2) The President of the Republic and the Speaker of the Chamber of Deputies cannot come from the same political organisation. | (2) Le Président de la République et le Président de la Chambre des Députés ne peuvent pas provenir d'une même formation politique. |
| (3) Abagize Guverinoma batoranywa mu mitwe ya politiki hakurikijwe imyanya yayo mu Mutwe w'Abadepite. Icyakora, umutwe wa politiki wabonye amajwi menshi mu matora y'Abadepite ntushobora kurenza 50% by'abagize Guverinoma. Ntibibujijwe ko n'abandi bantu bafite ubushobozi bashobora gushyirwa muri Guverinoma. | (3) Cabinet members are selected from political organisations on the basis of seats held by those political organisations in the Chamber of Deputies. However, a political organisation holding the majority of seats in the Chamber of Deputies cannot have more than 50% of Cabinet members. It is not prohibited for other competent persons to be appointed to Cabinet. | (3) Les membres du Gouvernement sont choisis au sein des formations politiques en tenant compte de la répartition des sièges à la Chambre des Députés. Toutefois, la formation politique majoritaire à la Chambre des Députés ne peut pas avoir plus de 50% des membres du Gouvernement. Il n'est pas interdit de nommer d'autres personnes compétentes comme membres du Gouvernement. |
| (4) Mu Nteko Ishinga Amategeko hitabwa ku guhagararirwa kw'ibyiciro bitandukanye nk'uko biteganywa n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko. | (4) In Parliament, the principle of representation of various categories is respected as provided for by this Constitution and other laws. | (4) Au Parlement, le principe de représentation des différentes catégories est respecté conformément à la présente Constitution et aux autres lois. |

| Ingingo ya 63: Indahiro y'abayobozi | Article 63: Oath of office of officials | Article 63: Serment des autorités |
|---|---|---|
| Abayobozi Itegeko Nshinga n'andi mategeko biteganya ko barahira mbere yo gutangira imirimo yabo, uretse Perezida wa Repubulika ufite indahiro yihariye, barahirira mu ruhame muri aya magambo: | Officials required by this Constitution and other laws to take an oath of office, except for the President of the Republic who has a distinct oath, take oath publicly as follows: | Les autorités auxquelles la présente Constitution et d'autres lois exigent de prêter serment avant d'entrer en fonction, à l'exception du Président de la République dont le serment est distinct, prêtent serment publiquement en ces termes: |
| "Jyewe,…………………, ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro: | "I, ……………………., do solemnly swear to Rwanda that I will: | «Moi, ………………………, je jure solennellement à la Nation : |
| (a) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda; | (a) remain loyal to the Republic of Rwanda; | (a) de garder fidélité à la République du Rwanda; |
| (b) ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko; | (b) abide by the Constitution and other laws; | (b) d'observer la Constitution et les autres lois; |
| (c) ko nzaharanira uburenganzira bwa muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro; | (c) safeguard human rights and the interests of the Rwandan people; | (c) de veiller aux droits de la personne et aux intérêts du peuple rwandais; |
| (d) ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda; | (d) strive for national unity; | (d) d'œuvrer à la consolidation de l'unité nationale; |
| (e) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe; | (e) diligently fulfil the responsibilities entrusted to me; | (e) de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées; |
| (f) ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite. | (f) never use powers conferred upon me for personal interests. | (f) de ne jamais utiliser les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles. |

| | | |
|---|---|---|
| Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.<br><br>Imana ibimfashemo." | Should I fail to honour this oath, may I be subjected to the rigours of the law.<br><br>So help me God." | En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.<br><br>Que Dieu me vienne en aide.» |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Ubutegetsi Nshingamategeko** | **<u>Section 2</u>: The Legislature** | **<u>Section 2</u>: Le Pouvoir législatif** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Ingingo rusange ku Butegetsi Nshingamategeko** | **<u>Subsection One</u>: General provisions on the Legislature** | **<u>Sous-section première</u>: Dispositions générales concernant le Pouvoir législatif** |
| **<u>Ingingo ya 64</u>: Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 64</u>: The Parliament** | **<u>Article 64</u>: Le Parlement** |
| (1) Ubutegetsi Nshingamategeko bushinzwe Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'Imitwe ibiri:<br><br>(a) Umutwe w'Abadepite, abawugize bitwa "Abadepite";<br><br>(b) Sena, abayigize bitwa "Abasenateri". | (1) Legislative power is vested in a Parliament composed of two Chambers:<br><br>(a) the Chamber of Deputies, whose members are known as "Deputies";<br><br>(b) the Senate, whose members are known as "Senators". | (1) Le Pouvoir législatif est exercé par un Parlement composé de deux Chambres:<br><br>(a) la Chambre des Députés dont les membres sont appelés «Députés»;<br><br>(b) le Sénat dont les membres sont appelés «Sénateurs». |
| (2) Inteko Ishinga Amategeko ijya impaka ku mategeko ikanayatora. Ishyiraho amategeko ikanagenzura ibikorwa bya Guverinoma mu buryo buteganywa n'iri Tegeko Nshinga. | (2) Parliament debates and passes laws. It legislates and exercises control over Government activities in accordance with procedures determined by this Constitution. | (2) Le Parlement débat et vote des lois. Il légifère et contrôle l'action du Gouvernement dans les procédures définies par la présente Constitution. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 65: Amahame ngenderwaho y'abagize Inteko Ishinga Amategeko** | **Article 65: Guiding principles of members of Parliament** | **Article 65: Principes directeurs des membres du Parlement** |
| (1) Ugize Inteko Ishinga Amategeko aba ahagarariye Igihugu cyose; ntabwo aba ahagarariye gusa abamutoye cyangwa abamushyizeho, cyangwa umutwe wa politiki wamutanzeho umukandida mu matora. | (1) A member of Parliament represents the nation as a whole and not only those who elected or nominated him or her, or the political organisation that seconded his or her candidacy during elections. | (1) Un membre du Parlement représente toute la Nation et non uniquement ceux qui l'ont élu ou nommé, ni la formation politique qui l'a parrainé lors des élections. |
| (2) Uburenganzira bwo gutora ni ubw'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ku giti cye. | (2) The voting right of a member of Parliament is personal. | (2) Le droit de vote d'un membre du Parlement est personnel. |
| (3) Ugize Inteko Ishinga Amategeko ntagendera ku mabwiriza y'uwo ari we wese igihe atora. | (3) A member of Parliament is not subject to any instructions in the exercise of his or her voting right. | (3) Un membre du Parlement n'est soumis à aucune instruction dans l'exercice de son droit de vote. |
| **Ingingo ya 66: Itangira ry'imirimo y'abagize Inteko Ishinga Amategeko** | **Article 66: Commencement of office for members of Parliament** | **Article 66: Entrée en fonction des membres du Parlement** |
| (1) Mbere yo gutangira imirimo, ugize Inteko Ishinga Amategeko arahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika, ataboneka, akarahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. | (1) Before assuming his or her duties, a member of Parliament takes the oath of office publicly before the President of the Republic or, in the absence of the President of the Republic, before the President of the Supreme Court. | (1) Avant d'entrer en fonction, un membre du Parlement prête serment publiquement devant le Président de la République ou, en son absence, devant le Président de la Cour Suprême. |
| (2) Mu ntangiriro ya buri manda y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, inama ya mbere ya buri Mutwe iharirwa itora rya Biro igizwe na Perezida na ba Visi | (2) On the commencement of each parliamentary term of office, the first sitting of each Chamber is devoted to the election of the Bureau composed of | (2) À l'ouverture de chaque législature, la première séance de chaque Chambre est consacrée à l'élection de son Bureau composé d'un Président et de Vice- |

| | | |
|---|---|---|
| Perezida. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma y'itangazwa rya burundu ry'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | the Speaker and Deputy Speakers of the Chamber of Deputies and the President and Vice Presidents of the Senate. This sitting is convened and presided over by the President of the Republic within a period of 30 days after the final announcement of election results of members of each Chamber of Parliament. | Présidents. Le Président de la République convoque et préside cette séance dans les 30 jours suivant la proclamation définitive des résultats électoraux des membres de chaque Chambre du Parlement. |
| (3) Perezida wa Sena na Perezida w'Umutwe w'Abadepite bagomba kuba bafite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko kandi nta bundi bwenegihugu bagomba kuba bafite. | (3) The President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies must be of Rwandan nationality by origin and must not hold any other nationality. | (3) Le Président du Sénat et le Président de la Chambre des Députés doivent être de nationalité rwandaise d'origine et ne doivent détenir aucune autre nationalité. |
| (4) Mbere yo gutangira imirimo, ugize Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko arahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika. | (4) Before assuming his or her duties, a member of the Bureau of each Chamber of Parliament takes the oath of office publicly before the President of the Republic. | (4) Avant d'entrer en fonction, un membre du Bureau de chaque Chambre du Parlement prête serment publiquement devant le Président de la République. |
| (5) Itegeko Ngenga rigena ibigenerwa abagize Inteko Ishinga Amategeko. | (5) An organic law determines entitlements for members of Parliament. | (5) Une loi organique détermine les avantages alloués aux membres du Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 67</u>: Imirimo itabangikanywa n'umurimo w'ugize Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 67</u>: Duties incompatible with the office of member of Parliament** | **<u>Article 67</u>: Fonctions incompatibles avec la fonction de membre du Parlement** |
| (1) Nta muntu wemerewe kuba icyarimwe mu bagize Umutwe w'Abadepite no mu bagize Sena. | (1) No one can be a member of the Chamber of Deputies and the Senate at the same time. | (1) Nul ne peut être à la fois membre de la Chambre des Députés et du Sénat. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Kuba Umudepite cyangwa Umusenateri ntibishobora kubangikanywa no kuba mu bagize Guverinoma. | (2) Being a Deputy or a Senator is incompatible with being a Cabinet member. | (2) La fonction de Député ou de Sénateur est incompatible avec celle de membre du Gouvernement. |
| (3) Itegeko Ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko rigena indi mirimo itabangikanywa no kuba umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko. | (3) The organic law determining the functioning of each Chamber of Parliament provides for other duties incompatible with the office of member of Parliament. | (3) La loi organique portant fonctionnement de chaque Chambre du Parlement détermine les autres fonctions incompatibles avec la fonction de membre du Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Ubudahangarwa bw'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'ikurikiranwa ryabo** | **<u>Article 68</u>: Immunity of members of Parliament and their prosecution** | **<u>Article 68</u>: Immunité des membres du Parlement et leur poursuite** |
| (1) Nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ushobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye mu gihe akora imirimo ashinzwe. | (1) No member of Parliament may be prosecuted, pursued, arrested, detained or judged for his or her opinion expressed or vote cast in the exercise of his or her duties. | (1) Aucun membre du Parlement ne peut être poursuivi, recherché, arrêté, détenu ou jugé suite à ses opinions émises ou votes lors de l'exercice de ses fonctions. |
| (2) Nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ukekwaho icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, ushobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bidatangiwe uburenganzira n'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko arimo binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abitabiriye inama y'Inteko Rusange, | (2) No member of Parliament suspected of a felony or misdemeanour may be prosecuted or arrested without the authorisation of the Chamber of which he or she is a member by a two-thirds majority vote of members present at the sitting of the Plenary Assembly, unless he or she is caught red-handedly committing a felony or misdemeanour. | (2) Aucun membre du Parlement suspecté d'avoir commis un crime ou un délit ne peut être poursuivi ou arrêté sans autorisation de la Chambre dont il est membre statuant à la majorité des deux tiers des membres présents à la séance de l'Assemblée plénière, sauf s'il est pris en flagrant délit commettant une infraction qualifiée de crime ou de délit. |

| | | |
|---|---|---|
| keretse afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye. | | |
| (3) Iyo atari mu gihembwe gisanzwe, hatumizwa igihembwe kidasanzwe kubera iyo mpamvu. | (3) In the case of a period outside the ordinary session, an extraordinary session is convened for this purpose. | (3) Dans le cas d'une période en dehors de la session ordinaire, une session extraordinaire est convoquée à cet effet. |
| (4) Ugize Inteko Ishinga Amategeko wakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ahita asezererwa mu Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko arimo. | (4) A member of Parliament definitively convicted of a felony or misdemeanour automatically loses his or her parliamentary office. | (4) Un membre du Parlement condamné pour crime ou délit par une juridiction statuant en dernier ressort est d'office déchu de son mandat parlementaire. |
| (5) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ushobora guteganya, mu Itegeko Ngenga rigena imikorere yawo, amakosa akomeye atuma umwe mu bawugize akurwa ku mirimo byemejwe n'abagize uwo Mutwe. Icyo gihe, icyemezo cyo kumukuraho gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba. | (5) Each Chamber of Parliament through the organic law determining its functioning may provide for gross misconduct which lead to the removal from office of a member of that Chamber upon approval of its members. In that case, the decision for removal is taken by a three-fifths majority vote of members of the Chamber of Parliament concerned. | (5) Chaque Chambre du Parlement peut prévoir, dans la loi organique portant son fonctionnement, les fautes graves qui entraînent la déchéance du mandat parlementaire après décision des membres de cette Chambre. Dans ce cas, cette décision de déchéance est prise à la majorité des trois cinquièmes des membres de la Chambre du Parlement concernée. |
| **Ingingo ya 69: Aho inama z'Inteko Rusange z'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ziteranira** | **Article 69: Venue for the sittings of the Plenary Assemblies of the Chambers of Parliament** | **Article 69: Lieu des séances des Assemblées plénières des Chambres du Parlement** |
| Inama z'Inteko Rusange z'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ziteranira mu Ngoro zabugenewe mu Murwa Mukuru w'Igihugu, | The Plenary Assemblies of the Chambers of Parliament hold their sittings at designated buildings in the capital city, except in the | Les séances des Assemblées plénières des Chambres du Parlement se tiennent dans les palais réservés à cet effet, situés dans la |

| | | |
|---|---|---|
| keretse bibujijwe n'inzitizi ntarengwa zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rubisabwe na Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba. Igihe Urukiko rw'Ikirenga na rwo rudashobora guterana, Perezida wa Repubulika yemeza aho inama iteranira akoresheje itegeko-teka. | event of force majeure confirmed by the Supreme Court at the request of the President of the Senate or the Speaker of the Chamber of Deputies. In case the Supreme Court is unable to sit, the President of the Republic determines the venue where the Parliament holds its sittings by decree-law. | capitale du pays, excepté les cas de force majeure constatés par la Cour Suprême saisie par le Président de la Chambre du Parlement concernée. Si la Cour Suprême est à son tour dans l'impossibilité de siéger, le Président de la République décide du lieu de tenue des séances par décret-loi. |
| **Ingingo ya 70: Iterana ry'inama z'Inteko Rusange** | **Article 70: Holding of Plenary sittings** | **Article 70: Tenue des séances de l'Assemblée plénière** |
| (1) Kugira ngo buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uterane mu buryo bwemewe n'amategeko, ugomba guteranira mu ngoro zabugenewe, inama y'Inteko Rusange yatumijwe, hari umurongo w'ibyigwa, yabaye mu gihe cy'ibihembwe kandi hari nibura bitatu bya gatanu by'abawugize. | (1) For the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament to duly sit, it must hold its sittings at designated buildings, upon official invitation, with an agenda, during sessions, and with a presence of at least three-fifths of its members. | (1) Pour siéger valablement, l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement doit se réunir dans le palais réservé à cet effet, sur convocation officielle, avec un ordre du jour, en période de sessions, et compter au moins trois cinquièmes de ses membres. |
| (2) Uretse mu gihe cy'inzitizi ntarengwa kivugwa mu ngingo ya 69 y'iri Tegeko Nshinga, ibyemezo by'inama y'Inteko Rusange yateranye mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo nta gaciro bigira. | (2) Except in the event of force majeure provided for in Article 69 of this Constitution, resolutions of a sitting of the Plenary Assembly held contrary to the provisions of Paragraph (1) of this Article are without effect. | (2) À l'exception des cas de force majeure prévus à l'article 69 de la présente Constitution, les résolutions d'une séance de l'Assemblée plénière tenue en violation des dispositions du paragraphe (1) du présent article sont sans effet. |
| (3) Inama z'Inteko Rusange za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko zibera mu ruhame. | (3) The sittings of the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament are public. | (3) Les séances de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement sont publiques. |

| | | |
|---|---|---|
| (4) Icyakora, buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ushobora kwemeza, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abawugize bitabiriye inama y'Inteko Rusange, ko inama ibera mu muhezo, iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa kimwe cya kane cy'abawugize, cyangwa se na Minisitiri w'Intebe. | (4) However, each Chamber of Parliament may decide, by an absolute majority vote of its members present at the sitting of the Plenary Assembly, to sit in camera upon request of the President of the Republic, the President of Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, one quarter of the members of the Chamber concerned or the Prime Minister. | (4) Toutefois, chaque Chambre du Parlement peut décider, à la majorité absolue de ses membres présents à la séance de l'Assemblée plénière, de siéger à huis clos à la demande du Président de la République, du Président de la Chambre du Parlement concernée ou d'un quart de ses membres, ou du Premier Ministre. |
| **Ingingo ya 71: Inama zihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko** | **Article 71: Joint sittings of the Chambers of Parliament** | **Article 71: Séances conjointes des deux Chambres du Parlement** |
| (2) Perezida wa Repubulika ashinzwe kurinda Itegeko Nshinga no kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda. | (2) The President of the Republic is the defender of the Constitution and the guarantor of national unity. | (2) Le Président de la République est le défenseur de la Constitution et le garant de l'unité nationale. |
| (3) Perezida wa Repubulika yishingira ko Leta ikomeza kubaho, akanishingira ubwigenge n'ubusugire bw'Igihugu no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga. | (3) The President of the Republic is the guarantor of the continuity of the State, independence and sovereignty of the country and the respect for international treaties. | (3) Le Président de la République est le garant de la continuité de l'État, de l'indépendance et de la souveraineté nationales, et du respect des traités internationaux. |
| (4) Perezida wa Repubulika, rimwe mu mwaka, ageza ku Banyarwanda ijambo rigaragaza uko Igihugu gihagaze. | (4) The President of the Republic delivers, once every year, the state of the Nation address. | (4) Le Président de la République adresse une fois par an un message aux Rwandais sur l'état de la nation. |
| **<u>Ingingo ya 99</u>: Ibisabwa umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 99</u>: Requirements of a candidate for the office of President of the Republic** | **<u>Article 99</u>: Conditions requises pour être candidat à la Présidence de la République** |
| Umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika agomba kuba: | A candidate for the office of the President of the Republic must: | Un candidat à la Présidence de la République doit: |
| (a) afite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko; | (a) be of Rwandan nationality by origin; | (a) être de nationalité rwandaise d'origine; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) nta bundi bwenegihugu afite; | (b) not hold any other nationality; | (b) ne pas détenir une autre nationalité; |
| (c) indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi; | (c) be irreproachable in his or her conduct and social relations; | (c) être irréprochable dans sa conduite et ses relations sociales; |
| (d) atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu ; | (d) not have been definitively sentenced to an imprisonment of six months or more; | (d) n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois; |
| (e) atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki; | (e) not have been deprived of civil and political rights by a Court decision; | (e) n'avoir pas été déchu par décision judiciaire des droits civiques et politiques; |
| (f) afite nibura imyaka 35 y'amavuko mu gihe cyo kwiyamamariza uwo mwanya; | (f) be at least 35 years old at the time of his or her candidacy; | (f) être âgé de 35 ans au moins au moment de sa candidature; |
| (g) aba mu Rwanda igihe asaba kwiyamamariza uwo mwanya. | (g) reside in Rwanda at the time of submitting his or her candidacy. | (g) résider sur le territoire du Rwanda au moment du dépôt de candidature. |
| **<u>Ingingo ya 100</u>: Igihe n'imigendekere y'itorwa rya Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 100</u>: Period and procedure for conducting presidential elections** | **<u>Article 100</u>: Période et déroulement de l'élection présidentielle** |
| (1) Itorwa rya Perezida wa Repubulika rikorwa hasigaye nibura iminsi 30 kandi itarenga 60 mbere y'uko manda ya Perezida uriho irangira. | (1) Elections for the President of the Republic are held at least 30 days and not more than 60 days before the end of the term of the incumbent President. | (1) L'élection du Président de la République a lieu 30 jours au moins et 60 jours au plus avant l'expiration du mandat du Président en exercice. |
| (2) Itegeko Ngenga rigenga amatora riteganya uburyo bwo gutanga kandidatire ku mwanya wa Perezida wa | (2) The organic law governing elections determines the procedure for submitting presidential candidacy, conducting | (2) La loi organique régissant les élections détermine les modalités de présentation de la candidature présidentielle, de |

| | | |
|---|---|---|
| Repubulika, uko itora rikorwa, ibarura ry'amajwi, uburyo bwo gukemura impaka zivutse, gutangaza ibyavuye mu itora n'igihe ntarengwa cyo kubitangaza. Iryo tegeko ngenga riteganya n'ibindi bya ngombwa kugira ngo amatora atungane kandi akorwe mu mucyo. | elections, counting of ballots, resolving election disputes, proclamation of electoral results and its time limit. The organic law also determines other necessary matters to ensure fair and free elections. | déroulement du scrutin, de dépouillement de voix, de règlement des contestations électorales, de proclamation des résultats du scrutin et ses délais limites. Cette loi organique précise également toutes les autres dispositions nécessaires au bon déroulement et à la transparence du scrutin. |
| **<u>Ingingo ya 101</u>: Manda ya Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 101</u>: Term of office of the President of the Republic** | **<u>Article 101</u>: Mandat du Président de la République** |
| Perezida wa Repubulika atorerwa manda y'imyaka itanu. Ashobora kongera gutorerwa indi manda imwe. | The President of the Republic is elected for a five-year term. He or she may be re-elected once. | Le Président de la République est élu pour un mandat de cinq ans. Il peut être réélu une seule fois. |
| **<u>Ingingo ya 102</u>: Indahiro ya Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 102</u>: Oath of the President of the Republic** | **<u>Article 102</u>: Serment du Président de la République** |
| (1) Mbere yo gutangira imirimo, Perezida wa Repubulika arahirira mu ruhame, imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga muri aya magambo: | (1) Before assuming office, the President of the Republic publicly takes oath before the President of the Supreme Court as follows: | (1) Avant d'entrer en fonction, le Président de la République prête, publiquement devant le Président de la Cour Suprême, le serment dont la teneur suit: |
| "Jyewe, ……….........., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro: | "I, ………………………… do solemnly swear to Rwanda that I will: | «Moi, ………………………, je jure solennellement à la Nation : |
| (a) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda; | (a) remain loyal to the Republic of Rwanda; | (a) de garder fidélité à la République du Rwanda; |
| (b) ko nzakurikiza nkanarinda Itegeko Nshinga n'andi mategeko; | (b) observe and defend the Constitution and other laws; | (b) d'observer et défendre la Constitution et les autres lois; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe; | (c) diligently fulfil responsibilities entrusted to me; | (c) de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées; |
| (d) ko nzaharanira amahoro n'ubusugire bw'Igihugu; | (d) preserve peace and national sovereignty; | (d) de préserver la paix et la souveraineté nationale; |
| (e) ko nzashimangira ubumwe bw'Abanyarwanda; | (e) consolidate national unity; | (e) de consolider l'Unité Nationale; |
| (f) ko ntazigera nkoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite; | (f) never use the powers conferred upon me for personal interests; | (f) de ne jamais utiliser les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles; |
| (g) ko nzaharanira ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro. | (g) strive for the interests of all Rwandans. | (g) d'œuvrer pour les intérêts de tous les Rwandais. |
| Nintatira iyi ndahiro nzabihanirwe n'amategeko. | Should I fail to honour this oath, may I be subjected to the rigours of the law. | En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi. |
| Imana ibimfashemo." | So help me God." | Que Dieu me vienne en aide.» |
| (2) Perezida wa Repubulika arahira bitarenze iminsi 30 nyuma y'itorwa rye, indahiro ye ikakirwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. | (2) The President of the Republic takes the oath of office within 30 days following his or her election. His or her oath of office is administered by the President of the Supreme Court. | (2) Le Président de la République prête serment endéans les 30 jours à compter de la date de son élection. Son serment est reçu par le Président de la Cour Suprême. |

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **<u>Ingingo ya 103</u>: Imirimo itabangikanywa n'umurimo wa Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 103</u>: Duties incompatible with the office of the President of the Republic** | **<u>Article 103</u>: Fonctions incompatibles avec le mandat du Président de la République** |
| Umurimo wa Perezida wa Repubulika ntubangikanywa n'undi murimo wo mu nzego za Leta zitorerwa, indi mirimo ya Leta ya gisiviri cyangwa ya gisirikare, cyangwa undi murimo w'umwuga. | The office of the President of the Republic is incompatible with any other elective public office, other public civilian or military positions or any other profession. | Les fonctions de Président de la République sont incompatibles avec l'exercice de toute autre mandat public électif, de tout emploi public civil ou militaire ou de toute autre profession. |
| **<u>Ingingo ya 104</u>: Inzibacyuho ya Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 104</u>: Presidential transition** | **<u>Article 104</u>: Transition présidentielle** |
| (1) Perezida wa Repubulika uri ku butegetsi akomeza gukora kugeza igihe Perezida wa Repubulika watowe atangiriye imirimo. | (1) The incumbent President of the Republic remains in office until the President-elect assumes office. | (1) Le Président de la République en exercice reste en fonction jusqu'à l'installation du Président de la République élu. |
| (2) Icyakora, mu gihe Perezida wa Repubulika watowe ataratangira imirimo, Perezida wa Repubulika uri ku butegetsi ntiyemerewe: | (2) However, when the President-elect has not yet assumed office, the incumbent President cannot: | (2) Toutefois, lorsque le Président de la République élu n'est pas encore entré en fonction, le Président en exercice ne peut pas: |
| (a) gutangiza intambara; | (a) declare war; | (a) déclarer la guerre; |
| (b) gutangaza ibihe by'amage; | (b) declare a state of emergency; | (b) déclarer l'état d'urgence; |
| (c) gukoresha itora rya referandumu; | (c) call a referendum; | (c) initier le référendum; |
| (d) gutanga imbabazi ku baciriwe imanza burundu n'urukiko. | (d) grant mercy to persons definitively sentenced by Courts of law. | (d) exercer le droit de grâce pour des personnes condamnées par jugement définitif. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Mu gihe cy'inzibacyuho ya Perezida wa Repubulika, Itegeko Nshinga ntirishobora kuvugururwa. | (3) During the Presidential transition, the Constitution cannot be revised. | (3) Pendant la transition présidentielle, la Constitution ne peut pas être révisée. |
| (4) Mu gihe Perezida wa Repubulika watowe apfuye, agize impamvu zimubuza burundu gukora imirimo yatorewe cyangwa adashatse kujya ku mwanya yatorewe, hategurwa andi matora. | (4) In case the President-elect dies, is permanently unable to assume office or chooses not to take office, new elections are organised. | (4) Au cas où le Président de la République élu décède, est définitivement empêché d'assumer ses fonctions ou renonce au bénéfice de son élection, il est procédé à de nouvelles élections. |
| **<u>Ingingo ya 105</u>: Isimburwa cyangwa isigarirwaho rya Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 105</u>: Replacing, or acting on behalf of, the President of the Republic** | **<u>Article 105</u>: Remplacement ou intérim du Président de la République** |
| (1) Perezida wa Repubulika ahagarika imirimo ye iyo yaciriwe urubanza burundu n'Urukiko rw'Ikirenga kubera kugambanira Igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga. | (1) The President of the Republic ceases to hold office if he or she is definitively sentenced by the Supreme Court for treason or a serious and deliberate violation of the Constitution. | (1) Le Président de la République est déchu de ses fonctions s'il est condamné définitivement par la Cour Suprême pour trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution. |
| (2) Icyemezo gitanga uburenganzira bwo kurega Perezida wa Repubulika mu Rukiko rw'Ikirenga gifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteraniye hamwe. | (2) The decision authorising charges to be filed against the President of the Republic in the Supreme Court is taken by a two-thirds majority vote of members of each Chamber of Parliament in a joint sitting. | (2) La décision autorisant la mise en accusation du Président de la République devant la Cour Suprême est adoptée par les deux Chambres du Parlement réunies en séance conjointe, à la majorité des deux tiers des membres de chaque Chambre. |
| (3) Gukurikirana Perezida wa Repubulika bikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru Wungirije cyangwa bombi. | (3) Prosecution against the President of the Republic is conducted by the Prosecutor General or the Deputy Prosecutor General or both. | (3) Les poursuites contre le Président de la République sont engagées soit par le Procureur général, soit par le Procureur général adjoint ou les deux. |

| | | |
|---|---|---|
| (4) Iyo Perezida wa Repubulika ahamwe n'ibyaha bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, yeguye, agize ubumuga bwa burundu cyangwa apfuye, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atangaza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho. | (4) If the President of the Republic is convicted of offences mentioned in Paragraph (1) of this Article, or if he or she resigns, is permanently incapacitated or dies, the President of the Supreme Court declares the office of President of the Republic vacant. | (4) En cas de condamnation du Président de la République pour les infractions mentionnées au paragraphe (1) du présent article, de sa démission, de son incapacité permanente ou de son décès, le Président de la Cour Suprême déclare la vacance de poste du Président de la République. |
| (5) Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atangaje ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho, Perezida wa Repubulika asimburwa by'agateganyo na Perezida wa Sena, ataboneka agasimburwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite; iyo abo bombi batabonetse, imirimo ya Perezida wa Repubulika ikorwa by'agateganyo na Minisitiri w'Intebe. | (5) When the President of the Supreme Court declares the office of President of the Republic vacant, the President of the Republic is replaced in an acting capacity by the President of the Senate, or in his or her absence by the Speaker of the Chamber of Deputies, or in the absence of both by the Prime Minister. | (5) Lorsque le Président de la Cour Suprême déclare la vacance de poste du Président de la République, l'intérim de la fonction présidentielle est assuré par le Président du Sénat ou, en cas d'empêchement de celui-ci, par le Président de la Chambre des Députés ou, en cas d'absence simultanée des deux, par le Premier Ministre. |
| (6) Ubumuga bwa burundu buvugwa mu gika cya (4) cy'iyi ngingo bwemezwa n'akanama k'abaganga batatu gashyirwaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. | (6) Permanent incapacity referred to in Paragraph (4) of this Article is certified by a panel of three medical doctors nominated by the Minister in charge of health upon request by the President of the Supreme Court. | (6) L'incapacité permanente visée au paragraphe (4) du présent article est certifiée par une commission de trois médecins désignés par le Ministre ayant la santé dans ses attributions sur demande du Président de la Cour Suprême. |
| (7) Usimbuye Perezida wa Repubulika, uvugwa muri iyi ngingo, ntashobora gushyira abakozi mu mirimo, gukoresha itora rya referandumu, gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, gutanga | (7) The acting President of the Republic referred to in this Article cannot appoint public officials, call a referendum, initiate the revision of the Constitution, exercise the prerogative of mercy or declare war. | (7) La personne assurant l'intérim du Président de la République visé au présent article ne peut pas procéder à des nominations, initier un référendum ou la révision de la Constitution, exercer le droit de grâce ou déclarer la guerre. |

| | | |
|---|---|---|
| imbabazi ku baciriwe imanza burundu n'urukiko, cyangwa gutangiza intambara. | | |
| (8) Mu gihe Perezida wa Repubulika avuyeho mbere y'uko manda ye irangira, amatora yo kumusimbura akorwa mu minsi itarenze 90. Perezida wa Repubulika utowe arangiza manda y'uwo asimbuye. | (8) In case the office of the President of the Republic becomes vacant before the end of the President's term of office, elections to replace him or her are organised within 90 days. The President of the Republic who is elected serves the remainder of the term of office of his or her predecessor. | (8) En cas de vacance de poste du Président de la République avant l'échéance de son mandat, les élections sont organisées dans un délai de 90 jours. Le Président de la République élu exerce le mandat restant à courir de son prédécesseur. |
| (9) Mu gihe Perezida wa Repubulika atari mu gihugu, arwaye cyangwa adashoboye by'igihe gito gukora imirimo ye, asigarirwaho na Minisitiri w'Intebe. | (9) When the President of the Republic is out of the country, sick or temporarily unable to perform his or her duties, the Prime Minister serves in an acting capacity. | (9) Lorsque le Président de la République est en dehors du pays, en cas de maladie ou d'empêchement temporaire, son intérim est assuré par le Premier Ministre. |
| **<u>Ingingo ya 106</u>: Ububasha bwo gushyira umukono ku mategeko** | **<u>Article 106</u>: Powers to promulgate laws** | **<u>Article 106</u>: Pouvoir de promulgation de lois** |
| (1) Perezida wa Repubulika ashyira umukono ku itegeko ryatowe bitarenze igihe cy'iminsi 30 uhereye ku munsi iryo tegeko ryamugerejweho. | (1) The President of the Republic promulgates a law within 30 days of its receipt. | (1) Le Président de la République promulgue une loi dans les 30 jours à compter de la date de sa réception. |
| (2) Icyakora, mbere yo kurishyiraho umukono, Perezida wa Repubulika ashobora gusaba Inteko Ishinga Amategeko kurisubiramo. | (2) However, before promulgating the law, the President of the Republic may request Parliament for a second reading. | (2) Le Président de la République peut toutefois, avant de promulguer la loi, demander au Parlement de procéder à une deuxième lecture. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Iyo, nyuma yo gusabwa na Perezida wa Repubulika gusubiramo itegeko, Inteko Ishinga Amategeko yongeye gutora itegeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu ku byerekeye amategeko asanzwe cyangwa ku bwiganze bwa bitatu bya kane ku byerekeye amategeko ngenga, Perezida wa Repubulika arishyiraho umukono mu gihe cyavuzwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. | (3) If, after the request by the President of the Republic for a second reading of a law, the Parliament adopts the law by a two-thirds majority vote for ordinary laws, or by a three-quarters majority vote for organic laws, the President of the Republic promulgates the law within the period referred to in Paragraph (1) of this Article. | (3) Lorsque, après la demande de la deuxième lecture d'une loi par le Président de la République, le Parlement vote la même loi à la majorité des deux tiers pour les lois ordinaires ou des trois quarts pour les lois organiques, le Président de la République la promulgue dans le délai prévu au paragraphe (1) du présent article. |
| **<u>Ingingo ya 107</u>: Ububasha bwo gukoresha referandumu** | **<u>Article 107</u>: Powers to call a referendum** | **<u>Article 107</u>: Pouvoir d'initier un référendum** |
| (1) Ububasha bwo gukoresha referandumu ni ubwa Perezida wa Repubulika. | (1) The power to call a referendum is vested in the President of the Republic. | (1) Le pouvoir d'initier un référendum appartient au Président de la République. |
| (2) Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gukoresha referandumu ku kibazo kirebana n'inyungu rusange z'Igihugu, ku Itegeko Nshinga, ku mushinga w'Itegeko Nshinga, ku itegeko cyangwa ku mushinga w'itegeko, hakurikijwe ibiteganywa n'iri Tegeko Nshinga cyangwa andi mategeko. | (2) The President of the Republic, after consulting the Supreme Court, may call a referendum on an issue of national interest, on a Constitution, on a draft Constitution, on a law or draft law, in accordance with the provisions of this Constitution or other laws. | (2) Le Président de la République, après consultation de la Cour Suprême, peut soumettre au référendum une question d'intérêt national, la Constitution, un projet de la Constitution, une loi ou un projet de loi, conformément aux dispositions de la présente Constitution ou d'autres lois. |
| (3) Abisabwe, Perezida wa Repubulika ashobora kandi gukoresha referandumu hashingiwe ku biteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo. | (3) On request, the President of the Republic may also call a referendum on matters referred to in Paragraph (2) of this Article. | (3) Sur requête, le Président de la République peut également soumettre au référendum les matières visées au paragraphe (2) du présent article. |

| | | |
|---|---|---|
| (4) Iyo Itegeko Nshinga, umushinga w'Itegeko Nshinga, itegeko cyangwa umushinga w'itegeko byemejwe n'itora rya referandumu, Perezida wa Repubulika arishyiraho umukono mu gihe kitarenze iminsi umunani uhereye umunsi ibyavuye muri iryo tora byatangarijwe. | (4) If the Constitution, the draft Constitution, the law or the draft law is passed by referendum, the President of the Republic promulgates it within a period of eight days from the day the results of the referendum are proclaimed. | (4) Lorsque la Constitution, le projet de la Constitution, la loi ou le projet de loi est adopté par référendum, le Président de la République la promulgue dans un délai de huit jours à partir du jour de la proclamation des résultats du référendum. |
| **<u>Ingingo ya 108</u>: Ububasha bwa Perezida wa Repubulika mu byerekeranye n'intambara n'ibihe by'amage** | **<u>Article 108</u>: Powers of the President of the Republic in matters of war and state of emergency** | **<u>Article 108</u>: Pouvoirs du Président de la République en matière de guerre et d'état d'urgence** |
| (1) Perezida wa Repubulika ni Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda. | (1) The President of the Republic is the Commander-in-Chief of the Rwanda Defence Force. | (1) Le Président de la République est le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense. |
| (2) Perezida wa Repubulika atangiza intambara. Ashyira kandi umukono ku masezerano yo guhagarika no kurangiza intambara. | (2) The President of the Republic declares war. He or she also signs armistice and peace agreements. | (2) Le Président de la République déclare la guerre. Il signe également l'armistice et les accords de paix. |
| (3) Perezida wa Repubulika atangaza ibihe by'amage mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko. | (3) The President of the Republic declares a state of emergency in accordance with provisions of this Constitution and other laws. | (3) Le Président de la République déclare l'état d'urgence dans les conditions prévues par la présente Constitution et d'autres lois. |
| **<u>Ingingo ya 109</u>: Ububasha bwo gutanga imbabazi** | **<u>Article 109</u>: Prerogative of mercy** | **<u>Article 109</u>: Droit de grâce** |
| Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo gutanga imbabazi mu buryo buteganywa | The President of the Republic has the authority to exercise the prerogative of mercy in accordance with the procedures | Le Président de la République exerce le droit de grâce dans les conditions définies par la loi et après avis de la Cour Suprême. |

| | | |
|---|---|---|
| n'amategeko kandi amaze kubigishamo inama Urukiko rw'Ikirenga. | provided for by law and after consultation with the Supreme Court. | |
| **<u>Ingingo ya 110</u>: Ububasha bwo gushyiraho ifaranga** | **<u>Article 110:</u> Power to issue currency** | **<u>Article 110</u>: Droit de frapper la monnaie** |
| Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo gushyiraho ifaranga ry'Igihugu hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | The President of the Republic has the power to issue national currency in accordance with the law. | Le Président de la République a le droit de frapper la monnaie nationale conformément à la loi. |
| **<u>Ingingo ya 111</u>: Ububasha bwo guhagararira Igihugu** | **<u>Article 111</u>: Power to represent the State** | **<u>Article 111</u>: Pouvoir de représenter l'État** |
| (1) Perezida wa Repubulika ahagararira u Rwanda mu mibanire yarwo n'amahanga; ashobora kandi kugena umuhagararira. | (1) The President of the Republic represents Rwanda in its foreign relations. He or she may also designate his or her representative. | (1) Le Président de la République représente le Rwanda dans ses rapports avec l'étranger. Il peut désigner une autre personne pour le représenter. |
| (2) Perezida wa Repubulika ashyiraho abahagararira u Rwanda mu bihugu by'amahanga n'intumwa zidasanzwe muri ibyo bihugu. | (2) The President of the Republic appoints Rwanda's Ambassadors and Special Envoys to foreign States. | (2) Le Président de la République nomme les Ambassadeurs et les Envoyés Spéciaux du Rwanda auprès des pays étrangers. |
| (3) Abaje guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda n'intumwa zidasanzwe z'amahanga bashyikiriza Perezida wa Repubulika inyandiko zibibahera uburenganzira. | (3) Ambassadors and Special Envoys to Rwanda present their Credentials to the President of the Republic. | (3) Les Ambassadeurs et les Envoyés Spéciaux au Rwanda remettent leurs lettres de créance au Président de la République. |

| **<u>Ingingo ya 112</u>: Ububasha bwo gushyiraho amateka ya Perezida** | **<u>Article 112</u>: Powers to enact Presidential Orders** | **<u>Article 112</u>: Pouvoir de prise d'arrêtés présidentiels** |
|---|---|---|
| (1) Perezida wa Repubulika ashyiraho amateka ya Perezida mu bubasha ahabwa n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko. | (1) The President of the Republic enacts Presidential Orders by virtue of the powers vested in him or her by this Constitution and other laws. | (1) Le Président de la République prend des arrêtés présidentiels en vertu des pouvoirs lui conférés par la présente Constitution et d'autres lois. |
| (2) Amateka ya Perezida yerekeye ibi bikurikira yemezwa n'Inama y'Abaminisitiri: | (2) Presidential Orders on the following matters are approved by Cabinet: | (2) Les arrêtés présidentiels portant sur les matières suivantes sont approuvés par le Conseil des Ministres: |
| (a) gushyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze; | (a) implementation of laws if it is within his or her responsibility; | (a) l'exécution des lois lorsqu'il en est chargé; |
| (b) gushyiraho inzego z'imirimo za Perezidansi ya Repubulika, iza Sena, iz'Umutwe w'Abadepite n'iz'Urwego rw'Ubucamanza no kugena inshingano zazo. | (b) establishment of services in the Office of the President, the Senate, the Chamber of Deputies, and in the Judicial Organ and determination of their respective responsibilities. | (b) la création des services de la Présidence de la République, du Sénat, de la Chambre des Députés ainsi que ceux de l'Organe Judiciaire et la détermination de leurs attributions respectives. |
| (3) Perezida wa Repubulika ashyiraho amateka ya Perezida yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abacamanza n'abashinjacyaha bakurikira: | (3) The President of the Republic enacts Presidential Orders on appointment and termination of service of the following judges and prosecutors: | (3) Le Président de la République prend les arrêtés présidentiels portant nomination et cessation de fonctions des juges et procureurs suivants: |
| (a) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga; | (a) the President, the Vice President and Judges of the Supreme Court; | (a) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire; | (b) the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal; | (b) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel; |
| (c) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi; | (c) the President and the Vice President of the High Court and the President and the Vice President of the Commercial High Court; | (c) le Président et le Vice-Président de la Haute Cour et le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce; |
| (d) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije. | (d) the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General. | (d) le Procureur général et le Procureur général adjoint. |
| (4) Perezida wa Repubulika ashyiraho amateka ya Perezida yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abayobozi bakuru bakurikira: | (4) The President of the Republic enacts Presidential Orders on the appointment and termination of service of the following senior officials: | (4) Le Président de la République prend les arrêtés présidentiels portant nomination et cessation de fonctions des hauts cadres suivants: |
| (a) Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika; | (a) the Director of Cabinet in the Office of the President of the Republic; | (a) le Directeur de Cabinet à la Présidence de la République; |
| (b) Abayobora Komisiyo z'Igihugu, ababungirije n'abandi ba Komiseri bagize Komisiyo z'Igihugu, abayobozi b'inzego zihariye za Leta n'ab'ibigo bya Leta n'ababungirije; | (b) Chairpersons, Vice-Chairpersons and other Commissioners of national commissions, Heads and Deputy Heads of Government specialised organs and public institutions; | (b) les Présidents, Vice-Présidents et autres Commissaires des commissions nationales, les responsables et responsables adjoints des organes spécialisés de l'État et des établissements publics; |
| (c) Abayobozi n'Abayobozi bungirije b'amashuri makuru ya Leta; | (c) Heads and Deputy Heads of public institutions of higher learning; | (c) les responsables et les responsables adjoints des établissements d'enseignement supérieur publics; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) Umunyamabanga Wihariye wa Perezida wa Repubulika; | (d) the Principal Private Secretary to the President of the Republic; | (d) le Secrétaire Particulier du Président de la République; |
| (e) Abajyanama muri Perezidansi ya Repubulika; | (e) Advisers in the Office of the President; | (e) les Conseillers à la Présidence de la République; |
| (f) Abayobozi b'imirimo muri Perezidansi ya Repubulika; | (f) Heads of services in the Office of the President; | (f) les chefs de service à la Présidence de la République; |
| (g) Abanyamabanga Bakuru mu Nteko Ishinga Amategeko n'ababungirije, Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, Umunyamabanga Mukuru mu Bushinjacyaha Bukuru, Abanyamabanga Bahoraho muri za Minisiteri n'Abanyamabanga Bakuru b'izindi nzego za Leta; | (g) Clerks of Parliament and their Deputies, the Secretary General of the Supreme Court, the Secretary General of the National Public Prosecution Authority, Permanent Secretaries in Ministries and Secretaries General of other State organs; | (g) les Secrétaires Généraux du Parlement et leurs adjoints, le Secrétaire Général de la Cour Suprême, le Secrétaire Général de l'Organe national de Poursuite judiciaire, les Secrétaires Permanents des Ministères et les Secrétaires généraux d'autres organes de l'État; |
| (h) abandi bayobozi b'inzego za Leta bagenwa n'itegeko; | (h) other heads of organs of the State as the law may determine; | (h) les autres responsables des organes de l'État déterminés par la loi; |
| (i) abagize Inama y'Ubuyobozi mu bigo bya Leta n'abahagarariye Leta mu bigo ifitemo imigabane. | (i) members of Boards of Directors of public institutions and Government representatives in the enterprises in which the Government is a shareholder. | (i) les membres du Conseil d'Administration dans les établissements publics et les représentants de l'État dans les entreprises où l'État est actionnaire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 113</u>: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 113</u>: Benefits granted to the President of the Republic** | **<u>Article 113</u>: Avantages alloués au Président de la République** |
| (1) Itegeko Ngenga riteganya ibigenerwa Perezida wa Repubulika n'Umukuru w'Igihugu wacyuye igihe. | (1) An organic law determines the benefits granted to the President of the Republic and a former Head of State. | (1) Une loi organique fixe les avantages alloués au Président de la République et à un ancien Chef d'État. |
| (2) Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yakatiwe igihano n'inkiko kubera kugambanira Igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, ntashobora guhabwa ibigenerwa Umukuru w'Igihugu wacyuye igihe. | (2) However, when a President of the Republic was convicted of treason or of serious and deliberate violation of the Constitution, he or she is not entitled to the benefits granted to a former Head of State. | (2) Toutefois, lorsqu'un Président de la République a été condamné pour trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution, il n'a pas droit aux avantages alloués à un ancien Chef d'État. |
| **<u>Ingingo ya 114</u>: Ukudakurikiranwaho icyaha ku wahoze ari Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 114</u>: Exemption from prosecution for a former President of the Republic** | **<u>Article 114</u>: Exonération de poursuites pénales au bénéfice d'un ancien Président de la République** |
| Uwahoze ari Perezida wa Repubulika ntashobora gukurikiranwaho icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa cyo kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, igihe aba atarabikurikiranyweho akiri ku mirimo ye. | A former President of the Republic cannot be prosecuted for treason or serious and deliberate violation of the Constitution when no legal proceedings in respect of that offence were brought against him or her while in office. | Un ancien Président de la République ne peut faire l'objet de poursuites pénales pour des actes de trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution, s'il ne l'a pas été au cours de son mandat. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Guverinoma** | **<u>Subsection 2</u>: The Cabinet** | **<u>Sous-section 2</u>: Gouvernement** |
| **<u>Ingingo ya 115</u>: Abagize Guverinoma** | **<u>Article 115</u>: Composition of Cabinet** | **<u>Article 115</u>: Composition du Gouvernement** |
| Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta | The Cabinet is composed of the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and | Le Gouvernement est composé du Premier Ministre, des Ministres, des Secrétaires |

| | | |
|---|---|---|
| n'abandi bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika bibaye ngombwa. | other members who may be determined by the President of the Republic where considered necessary. | d'État et d'autres membres que le Président de la République peut désigner le cas échéant. |
| **<u>Ingingo ya 116</u>: Ishyirwaho ry'abagize Guverinoma** | **<u>Article 116</u>: Appointment of Cabinet members** | **<u>Article 116</u>: Nomination des membres du Gouvernement** |
| (1) Minisitiri w'Intebe ashyirwaho kandi akavanwa ku mirimo na Perezida wa Repubulika. | (1) The Prime Minister is appointed and removed from office by the President of the Republic. | (1) Le Premier Ministre est nommé et démis de ses fonctions par le Président de la République. |
| (2) Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyirwaho na Perezida wa Repubulika amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe. | (2) Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet are appointed by the President of the Republic after consultation with the Prime Minister. | (2) Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement sont nommés par le Président de la République après consultation du Premier Ministre. |
| (3) Minisitiri w'Intebe ashyirwaho bitarenze iminsi 15 nyuma y'irahira rya Perezida wa Repubulika. Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyirwaho bitarenze iminsi 15 nyuma y'ishyirwaho rya Minisitiri w'Intebe. | (3) The Prime Minister is appointed within 15 days after the taking oath of the President of the Republic. Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet are appointed within 15 days following the appointment of the Prime Minister. | (3) Le Premier Ministre est nommé dans les 15 jours suivant la prestation de serment du Président de la République. Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement sont nommés dans les 15 jours suivant la nomination du Premier Ministre. |
| **<u>Ingingo ya 117</u>: Inshingano za Guverinoma** | **<u>Article 117</u>: Responsibilities of Cabinet** | **<u>Article 117</u>: Attributions du Gouvernement** |
| (1) Guverinoma ishyira mu bikorwa politiki y'Igihugu Perezida wa Repubulika yumvikanyeho n'Inama y'Abaminisitiri. | (1) The Cabinet implements national policy agreed upon by the President of the Republic and the Cabinet meeting. | (1) Le Gouvernement exécute la politique nationale arrêtée de commun accord par le Président de la République et le Conseil des Ministres. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Guverinoma ibazwa ibyo ikora na Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko. Uburyo Guverinoma ibazwamo ibyo ikora n'Inteko Ishinga Amategeko buteganywa n'iri Tegeko Nshinga. | (2) The Cabinet is accountable to the President of the Republic and the Parliament. Modalities for exercising oversight over Government by Parliament are determined by this Constitution. | (2) Le Gouvernement est responsable devant le Président de la République et le Parlement. Les modalités de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement sont déterminées par la présente Constitution. |
| **Ingingo ya 118: Irahira ry'abagize Guverinoma** | **Article 118: Oath of Cabinet members** | **Article 118: Prestation de serment des membres du Gouvernement** |
| Mbere yo gutangira imirimo, Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika. | Before assuming office, the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other Cabinet members publicly take the oath before the President of the Republic. | Avant d'entrer en fonction, le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement prêtent serment publiquement devant le Président de la République. |
| **Ingingo ya 119: Inshingano n'ububasha bya Minisitiri w'Intebe** | **Article 119: Responsibilities and powers of the Prime Minister** | **Article 119: Attributions et compétences du Premier Ministre** |
| Minisitiri w'Intebe - | The Prime Minister - | Le Premier Ministre - |
| (a) ayobora imikorere ya Guverinoma akurikije imirongo mikuru yatanzwe na Perezida wa Repubulika, akanakurikirana iyubahirizwa ry'amategeko; | (a) leads the functioning of Government in accordance with main guidelines given by the President of the Republic and ensure the implementation of laws; | (a) dirige l'action du Gouvernement suivant les orientations principales définies par le Président de la République et assure le suivi de l'exécution des lois; |
| (b) ategura gahunda ya Guverinoma abigiyeho inama n'abandi bagize Guverinoma; | (b) formulates Government programmes in consultation with other Cabinet members; | (b) élabore le programme du Gouvernement en concertation avec les autres membres du Gouvernement; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi 30 uhereye igihe yatangiriye imirimo ye; | (c) presents Government programmes to Parliament within 30 days from taking office; | (c) présente au Parlement le programme du Gouvernement dans les 30 jours de son entrée en fonction; |
| (d) agena inshingano z'Abaminisitiri, iz'Abanyamabanga ba Leta n'iz'abandi bagize Guverinoma; | (d) determines the duties of Ministers, Ministers of State and other Cabinet members; | (d) détermine les attributions des Ministres, des Secrétaires d'État et des autres membres du Gouvernement; |
| (e) ahamagaza Inama y'Abaminisitiri, ashyiraho urutonde rw'ibisuzumwa agishije inama abandi bagize Guverinoma, akabishyikiriza Perezida wa Repubulika n'abandi bagize Guverinoma nibura iminsi itatu mbere y'uko inama iba, usibye ibibazo byihutirwa bisuzumwa n'Inama z'Abaminisitiri zidasanzwe; | (e) convenes Cabinet meetings, prepare the agenda of Cabinet meetings in consultation with other Cabinet members, and submit it to the President of the Republic and other members of Cabinet at least three days before the meeting, except for urgent matters considered by extraordinary Cabinet meetings; | (e) convoque le Conseil des Ministres, établit son ordre du jour en consultation avec les autres membres du Gouvernement et le communique au Président de la République et aux autres membres du Gouvernement au moins trois jours avant la tenue du Conseil, sauf les cas d'urgence dévolus aux Conseils extraordinaires des Ministres; |
| (f) ayobora Inama y'Abaminisitiri. Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yayijemo ni we uyiyobora; | (f) chairs Cabinet meetings. However, when the President of the Republic is in attendance, he or she chairs the meeting; | (f) préside le Conseil des Ministres. Toutefois, lorsque le Président de la République est présent, il en assure la présidence; |
| (g) ashyiraho amateka agena intego, inshingano n'imbonerahamwe z'imyanya y'imirimo by'inzego za Leta ziri mu nshingano ze; | (g) enacts orders determining the mission, responsibilities and organisational structure of the public services under his or her authority; | (g) prend des arrêtés portant mission, attributions et structure organisationnelle des services publics sous sa supervision; |

| | | |
|---|---|---|
| (h) ashyiraho amateka ashyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze; | (h) enacts orders implementing laws if it is within his or her responsibility; | (h) prend les arrêtés portant exécution des lois lorsqu'il en est chargé; |
| (i) ashyiraho amateka yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abayobozi bakuru bakurikira: | (i) enacts orders on the appointment and termination of service of the following senior officials: | (i) prend les arrêtés portant nomination ou cessation de fonctions des hauts cadres suivants: |
| (i) Umuyobozi w'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe; | (i) Director of Cabinet in the Office of the Prime Minister; | (i) le Directeur de Cabinet du Premier Ministre; |
| (ii) Abanyamabanga Nshingwabikorwa ba komisiyo z'Igihugu; | (ii) Executive Secretaries of national commissions; | (ii) les Secrétaires Exécutifs des commissions nationales; |
| (iii) Abajyanama n'Abakuru b'imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Intebe; | (iii) Advisers and Heads of service in the Office of the Prime Minister; | (iii) les Conseillers et Chefs de service dans les services du Premier Ministre; |
| (iv) abandi bayobozi bakuru mu nzego za Leta igihe ntaho biteganyijwe ukundi; | (iv) other senior officials of State organs where not otherwise specified; | (iv) les autres hauts cadres des organes de l'État sauf s'il en est disposé autrement ; |
| (v) Abayobozi Bakuru n'Abayobozi mu Nteko Ishinga Amategeko, mu Rukiko rw'Ikirenga, muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe, mu Bushinjacyaha | (v) Director Generals and Directors in Parliament, the Supreme Court, the Office of the Prime Minister, the National Public Prosecution Authority, Ministries and other public institutions; | (v) les Directeurs Généraux et Directeurs au sein du Parlement, de la Cour Suprême, des Services du Premier Ministre, de l'Organe national de Poursuite judiciaire, des Ministères et |

| | | |
|---|---|---|
| Bukuru, muri Minisiteri no mu zindi nzego za Leta; | | des autres institutions publiques; |
| (vi) abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu n'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye; | (vi) national prosecutors and chief prosecutors at the intermediate level; | (vi) les procureurs nationaux et les procureurs en chef au niveau de grande instance; |
| (vii) abakozi ba Leta bashyirwaho mu rwego rumwe n'abavuzwe muri iyi ngingo kimwe n'abandi bayobozi bateganywa n'itegeko. | (vii) public servants appointed at a similar level as those specified in this article and any other officials determined by the law. | (vii) les agents de l'État nommés à des fonctions de même rang que ceux cités au présent article et d'autres dirigeants déterminés par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 120</u>: Gushyira umukono w'ingereka ku mategeko no ku mateka** | **<u>Article 120</u>: Countersigning of laws and orders** | **<u>Article 120</u>: Contresignature des lois et des arrêtés** |
| (1) Minisitiri w'Intebe ashyira umukono w'ingereka ku mategeko yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko, amategeko-teka n'amateka ya Perezida. | (1) The Prime Minister countersigns laws adopted by Parliament, decree-laws and Presidential orders. | (1) Le Premier Ministre contresigne les lois adoptées par le Parlement, les décrets-lois et les arrêtés présidentiels. |
| (2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyirwaho umukono w'ingereka n'ugize Guverinoma waritangije. | (2) An order of the Prime Minister is countersigned by the initiating Cabinet member. | (2) Un arrêté du Premier Ministre est contresigné par le membre du Gouvernement qui l'a initié. |
| **<u>Ingingo ya 121</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'abagize Guverinoma** | **<u>Article 121</u>: Implementation of laws by Cabinet members** | **<u>Article 121</u>: Exécution des lois par les membres du Gouvernement** |
| Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyira mu | Ministers, Ministers of State and other Cabinet members implement laws through orders when it is in their responsibilities. | Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement exécutent |

| | | |
|---|---|---|
| bikorwa amategeko bakoresheje amateka igihe biri mu nshingano zabo. | | les lois par voie d'arrêtés lorsqu'il relève de leurs attributions. |
| **<u>Ingingo ya 122</u>: Inama y'Abaminisitiri** | **<u>Article 122</u>: The Cabinet** | **<u>Article 122</u>: Conseil des Ministres** |
| (1) Inama y'Abaminisitiri igendera ku ihame ry'uko abayigize bagomba gukorera hamwe. | (1) The Cabinet functions on the principle of collective responsibility. | (1) Le Conseil des Ministres fonctionne selon le principe de la solidarité gouvernementale. |
| (2) Inama y'Abaminisitiri isuzuma: | (2) The Cabinet deliberates on: | (2) Le Conseil des Ministres délibère sur : |
| (a) imishinga y'amategeko n'iy'amategeko-teka; | (a) draft laws and draft decree-laws; | (a) les projets de loi et de décret-loi ; |
| (b) imishinga y'amateka ya Perezida, iy'amateka ya Minisitiri w'Intebe, iy'amateka y'Abaminisitiri, iy'amateka y'Abanyamabanga ba Leta n'**iy'**amateka y'abandi bagize Guverinoma; | (b) drafts Presidential Orders, drafts Prime Minister's Orders, drafts Ministerial Orders, draft orders of Ministers of State and other Cabinet members; | (b) les projets d'arrêtés présidentiels, les projets d'arrêtés du Premier Ministre, les projets d'arrêtés des Ministres, les projets d'arrêtés des Secrétaires d'État et ceux d'autres membres du Gouvernement ; |
| (c) ibindi byose iherwa ububasha n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko. | (c) all other matters in its competence by virtue of this Constitution and other laws. | (c) toutes autres questions relevant de sa compétence en vertu de la présente Constitution et d'autres lois. |
| (3) Iteka rya Perezida rigena amateka yemezwa adasuzumwe n'Inama y'Abaminisitiri. | (3) A Presidential Order determines orders, which are adopted without consideration by Cabinet. | (3) Un arrêté présidentiel détermine les arrêtés qui sont adoptés sans être soumis à l'examen du Conseil des Ministres. |
| (4) Iteka rya Perezida rigena imikorere y'Inama y'Abaminisitiri n'uburyo ibyemezo byayo bifatwa. | (4) A Presidential Order determines the functioning and decision-making procedures of Cabinet. | (4) Un arrêté présidentiel détermine le fonctionnement et le mode de prise de décisions du Conseil des Ministres. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 123</u>: Ibitabangikanywa n'imirimo y'abagize Guverinoma n'ibibagenerwa** | **<u>Article 123</u>: Incompatibilities with duties of Cabinet members and their benefits** | **<u>Article 123</u>: Incompatibilités avec les fonctions de membres du Gouvernement et leurs avantages** |
| (1) Imirimo y'abagize Guverinoma ntibangikana no kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko cyangwa gukora undi murimo uhemberwa. | (1) Duties of Cabinet members are incompatible with being a member of Parliament or any other remunerated activity. | (1) Les fonctions de membre du Gouvernement sont incompatibles avec l'exercice d'un mandat parlementaire ou de toute autre activité rémunérée. |
